# Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-10 | TARIKI 22-28 Mata 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31

AMAKURU
Imbuga nkoranyambaga zabaye ikibuga cy'intambara- Jeannette Kagame

2

AMAKURU
Nta nzira y'ubusamo ihari- Makolo ku masezerano u Rwand rwasinyanye na RDC

5

AMAKURU
Byinshi ku ngingo z'ibi kubiye mu masezeran u Rwanda rwasinyany na RDC

11

Mu NTARa
Bahangiwe umuhanda uhuza Ngoma na Kayonza uzatwara miliyari 1.4 Frw

12

# U Bubiligi burasaba Perezida Museveni kubwunga n'u Rwanda


U Bubiligi bubona Perezida Museveni ko afite ubushobozi bwo kongera kububanisha n'u Rwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Bubiligi yavuze ko yifuza ko Perezida wa Uganda Yoweri Kaguta Museveni, yabahuza n'u Rwanda rwacanye umubano n'u Bubiligi ku wa 17 Werurwe 2025.***

Maxime Prévot, Minisitiri w'Intebe wungirije akaba na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Bubiligi, yabikomojeho ubwo yahuraga na Perezida Museveni ku wa Gatanu tariki ya 25 Mata.

Yavuze ko u Bubiligi bukibona u Rwanda nk'igihugu cy'ingirakamaro mu Karere kandi rukaba ruri mu mwanya mwiza wo gufatanya n'abandi mu gushakira igisubizo kirambye ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Mu kiganiro n'abanyamakuru, Maxime Prévot yavuze ko uretse kuba yaje kureba Perezida Museveni nk'inararibonye ishobora gutanga igisubizo kirambye mu gukemura ikibazo cy'amakimbirane yabaye akarande mu Burasirazuba bwa Congo, ashobora no kuba ikiraro cyo kongera kwegera u Rwanda.

Mu magambo ye bwite, Maxime Prévot yavuze ko Perezida Museveni ari uw'agaciro kuko ashobora kujya hagati y'impande ebyiri mu bibazo bya dipolomasi.

KOMEZA KU RUP.3

## Kigali: Bibeshye ko malariya yacitse badohotse irabazonga

**KAMALIZA Agnes**

***Bamwe mu basore n'inkumi batuye mu Mujyi wa Kigali, bavuga ko bamaze igihe kirekire bizera ko malariya yacitse itakibaho, ibyo bikaba byarabashyize mu kangaratete kuko nyuma yo kudohoka ku ngamba zo kuyirinda byarangiye bayirwaye.***

Abo biganjemo abatuye mu Karere ka Gasabo; bavuga ko batangiye kugira ibimenyetso by'uburwayi nko gucika intege no kubabara umutwe no mu ngingo, bakagira ngo ni ubundi burwayi ariko baza gutungurwa basanzwemo malariya.

Bavuga ibyo mu gihe imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) kigaragaza ko muri Werurwe 2025, Akarere ka Gasabo kagize abarwayi ba malariya barenga ibihumbi 13, mu gihe umwaka ushize mu Rwanda habaruwe ibihumbi 800 bayirwaye.

Muhire Charles, utuye mu Murenge wa Ndera, Akarere ka Gasabo, avuga ko yatunguwe no kujya kwivuza bakamubwira ko arwaye malariya.

KOMEZA KU RUP.3

# Imbuga nkoranyambaga zabaye ikibuga cy'intambara- Jeannette Kagame

**MUTETERAZINA Shifah**

***Madamu Jeannette Kagame yibukije urubyiruko ko muri iyi minsi imbuga nkoranyambaga zabaye ikibuga cy'intambara aho ukuri kugorekwa nkana, asaba urubyiruko kuba maso bakiga amateka y'u Rwanda bima amayira abarwigiraho impuguke bagamije kurusenya.***

Ni bumwe mu butumwa yatanze ku wa Gatanu tariki 25 Mata 2025, ubwo yitabiraga igikorwa cy'Igihango cy'urungano, cyitabiriwe n'urubyiruko rwaturutse mu nzego zitandukanye hirya no hino mu gihugu rurenga ibihumbi bibiri.

Madamu Jeannette Kagame avuga ko imbuga nkoranyambaga zahoze ari izo gukuraho ubumenyi no gufasha abantu kwidagadura, ariko ngo muri iyi minsi ngo byarahindutse zisigaye zikoreshwa mu gukwirakwiza icengezamatwara rigamije gusenya.

Yagize ati: "Uyu munsi imbuga nkoranyambaga ntizikiri urubuga gusa rwo gusangiriragho ubumenyi n'imyidagaduro, ahubwo zabaye ikibuga cy'intambara, aho ukuri kugorekwa kandi bigakorwa nkana. Uko bukeye n'uko bwije inkuru zitari ukuri zivuguruzanya kandi zigamije kutuyobya no gutera urujijo, zikwirakwizwa mu buryo bwose kandi bworoshe."

Yakomeje ababwira ko zimwe muri izo nkuru ari izibashishikariza gukemanga impinduka nziza z'Igihugu cyabo.

Ati: "Zimwe muri izo nkuru n'izibashishikariza gukemanga impinduka nziza z'Igihugu cyanyu mwakuze mwirebera. Kubacengezamo ko amateka yacu arimo urujijo ngo namwe mutangire kwibaza koko niba ibyabaye byarabaye cyangwa niba tutanabikwiriye koko."

Yongeraho ati: "Imvugo n'ingiro zibumvisha ko amahitamo y'ubuyobozi bwacu bw'Igihugu bwahisemo ko buri umwe agomba kubazwa inshingano no kureba kure, bakabyita ko ari Politiki mbi. Ubu guhakana Jenoside no gupfobya amateka, ntibigikoreshwa amagambo akakaye gusa ahubwo byihishe mu mvugo yoroshye, mu mashusho yoroheje kandi mu buryo umuntu ashobora gutwarwa."

Madam Jeannette Kagame yanababwiye ko hari abafata amateka y'u Rwanda yijimye bakayahinduramo inkuru zisekeje cyangwa bakayajora babyita uburenganzira bwo kuvuga icyo umuntu atekereza (Freedom of Expression).

Yagize ati: "Abo bose bazana iyo mitekerereze n'imigirire nta n'umwe utwifuriza ineza. Bana bacu nimuhumure turabumva kandi turahari ngo tugendane muri uru rugendo mwikwemera guheranwa n'ibikomere mwange ko hari uwakongera kuducamo ibice ahubwo mukomeze umurava wo kurinda ibyo amateka yatwigishije."

Mu ijambo rye kandi, Madamu Jeanette Kagame yakomeje asaba urubyiruko by'umwihariko abitariye Igihango cy'Urungano kujya bafata umwanya bakibaza uwungukira mu byo babwirwa.

Yagize ati: "Rubyiruko muri iri huriro nagira ngo nongere mbasabe mujye mufata namwe umwanya mwibaze muti ninde wungukira muri ibi bibi tubwirwa cyangwa dukomeza kwumva, byo kwambika u Rwanda icyasha, kurusenya no gukoresha amateka yacu."

Arongera ati: "Mujye mwibaza muti mbese bari he igihe Igihugu cyacu cyari mu mwijima, gifatwa nk'Igihugu cyasenyutse burundu.


Mwongere mwibaze muti ni ryari kandi ni ryari batweretse ko bishimiye iterambere tugezeho. Mubishishikarize urubyiruko buri munsi ntimukaburemo imbaraga z'umutima n'ubwenge bwo gushishoza neza ibyo mwemera n'abo mukurikira kuko guhitamo ibitari ibyo bingana no kwanga kubaho kuri mwe ubwanyu n'abazabakomokaho."

Mu Ihuriro ry'Urubyiruko, Igihango cy'Urungano, habereyemo ibikorwa bitandukanye birimo kwibuka urubyiruko rwazize Jenoside yakorewe Abatutsi, kwiga amateka no gusobanukirwa n'icyasenye ubumwe bw'Abanyarwanda kugeza hateguwe hagashyirwa mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuganira ku ngaruka zayo no kwiyibutsa umukoro w'urubyiruko wo gukomeza kubaka u Rwanda bifuza, ruzira ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ni igikorwa ngarukamwaka kibaye ku nshuro ya 12 kuko cyatangiye mu 2013.




**Madamu Jeannette Kagame yasabye urubyiruko kugira amakenga ku byandikwa ku mbugankoranyambaga**




**Perezida wa Sena Dr Francois Xavier Kalinda n'itsinda ryamuherekeje bitabiriye Inteko Rusange ya 15 y'Ihuriro FP-ICGLR**

# Perezida wa Sena yitabiriye inama yiga ku mutekano w'Akarere i Luanda

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Sena y'u Rwanda. Dr Kalinda François Xavier n'itsinda ryamuherekeje bitabiriye Inteko Rusange ya 15 y'Ihuriro ry'Inteko zishinga amategeko mu bihugu bigize Inama Mpuzamahanga y'Akarere k'ibiyaga bigari (FP-ICGLR).***

Iyi nama iri kubera i Luanda muri Angola kuva ku wa 23 kugeza 25 Mata 2025. Yitabiriwe n'abayobora inteko zishinga amategeko mu bihugu bya Angola, Tanzania, Uganda, Kenya, Zambia, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, u Burundi, u Rwanda, Santarafurika, Sudani y'Epfo na Sudani.

Abitabiriye iyo nteko barimo kuganira ku buyobozi budaheza no gufata ibyemezo mu Karere.

Iyi Nteko Rusange izasuzuma kandi ifate imyanzuro yerekeye umutekano, politiki, n'ibikorwa by'ubutabazi mu Karere.

FP-ICGLR ni umuryango uhuza abagize Inteko Ishinga Amategeko b'Abanyafurika bo mu bihugu by'Akanama mpuzamahanga ku Karere k'Ibiyaga Bigari.

Bimwe mu byo FP-ICGLR ikora bikubiye mu bintu 5 by'ingenzi birimo amahoro n'umutekano, demukarasi n'imiyoborere myiza, iterambere ry'ubukungu, umutungo kamere no kwishyira hamwe nk'akarere, ubutabazi mu baturage, abagore, abana n'abafite ibindi bibazo.





# U Bubiligi burasaba Perezida Museveni kubwunga n'u Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Uyu mugabo uri mu ruzinduko rw'akazi aho ari kuzenguruka mu bihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari nka Uganda, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n'u Burundi, yavuze ko ababajwe n'uko atabasha gusura u Rwanda kuko nta mubano rugifitanye n'u Bubiligi.

Nk'uko bishimangirwa na The East African, aho ni ho yahereye ashimangira ko akeneye kubyaza umusaruro ubunararibonye bwa Perezida Museveni ku Karere k'Ibiyaga Bigari ndetse n'icyubahiro Abakuru b'Ibihugu bo mu Karere bamuha, ari na byo u Bubiligi bubona nk'urufunguzo mu gukemura ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Congo ndetse no kuzahura umubano wabwo n'u Rwanda.

Yagize ati: "Mu by'amahirwe make, ku rwego ibintu biriho ubu ntibyanshobokera gusura u Rwanda nyuma y'uko rufashe umwanzuro wo guhagarika umubano wacu mu bya dipolomasi. Nasobanuriye Perezida Museveni ko habayeho ibinyoma byinshi muri iki kibazo. Guhagarara k'umubano wa dipolomasi si cyo gisubizo kiboneye ku bantu bareba ibintu mu buryo butandukanye."

U Rwanda rwamenyesheje Guverinoma y'u Bubiligi ko rucanye umubano na bwo mu bya Dipolomasi, nyuma y'ubushishozi bwakozwe ku buryo bukomeza kwimakaza imyitwarire ya gikoloni yatandukanyije Abanyarwanda kugeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

U Bubiligi ni na cyo gihugu cyakomeje gufatanya na Guverinoma ya RDC mu gukwirakwiza ibinyoma mu mahanga hagamijwe kurufungira amayira mu bafatanyabikorwa barwo.

Guverinoma y'u Rwanda igaragaza ko uwo mubano ushobora kongera kuburwa mu gihe u Bubiligi bwaba bwihannye iyo myitwarire ya gikoloni ikomeje kugira ingaruka ziremereye mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Prévot yavuze ko u Bubiligi bugifite icyizere ko hazaboneka amahirwe y'ibiganiro byongera kuzahura umubano wabwo n'u Rwanda, ari na byo bizafasha buri ruhande kumva neza impamvu ya buri wese mu gufata imyanzuro.

Yatanze urugero rw'uko u Bubiligi bwakomeje kwimakaza umubano n'u Burusiya ku rwego runaka, mu gihe bwafatiwe ibihano kubera kugaba ibitero kuri Ukraine.

Prévot yanagaragaje ko yanyuzwe no kubona Guverinoma ya Congo n'Ihuriro AFC/M23 byatangaje ko byatangiye guharanira kugera ku guhagarika intambara, no ku biganiro bigamije kugarura amahoro mu Burasirazuba bwa Congo.

Nyuma y'amasaha make, humvikanye indi nkuru ya Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa RDC Thérèse Kayikwamba Wagner bashyize umukono ku masezerano y'ibanze afungurira umuryango andi masezerano agamije kugarura umubano mwiza hagati y'ibihugu byombi.

Ni amasezerano yasinyiwe i Washington, abayobozi b'Ibihugu byombi bahujwe n'Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Marco Rubio.

U Bubiligi bushima izo ntambwe zitanga icyizere kidashidikanywaho mu guharanira guhagarika intambara mu Burasirazuba bwa RDC, bugashima umusanzu wa Qatar, Umuryango e'Ubumwe bw'Afurika, Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) ndetse n'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo (SADC).

Perezida Museveni na Maxime Prévot baganiriye ku miterere y'umutekano y'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC aho Ingabo za Leta (FARDC) n'abambari bazo bahanganye n'abarwanyi b'Ihuriro AFC/M23 bakomeje guharanira uburenganzira bw'Abanyekongo bo mu bwoko bw'Abatutsi bakuwe muri gakondo yabo.

Abo bayobozi bombi bemeranyijwe ko hakenewe kwihutishwa ibikorwa bigamije kugarura amahoro arambye.

Maxime Prévot yakomeje agira ati: "Muri uko guhura na Perezida Museveni, nashimangiye ko impamvu shingiro z'intambara zikwiye gukemurwa mu rwego rwo guhagarika ubwicanyi bwisubiramo."

Maxime Prévot yagarutse ku ngingo z'ingenzi zafasha gukemura burundu ibibazo by'umutekano muke muri Congo ndetse n'umwuka mubi urangwa hagati y'u Rwanda na RDC.

Yavuze ko muri izo ngingo harimo gukemura burundu impungenge z'umutekano zizanwa n'umtwe w'iterabwoba wa FDLR ku Rwanda, kubaha ubusugire bw'ibihugu byo mu Karere, kwimakaza ukwihuza kw'Akarere, gukemura ikibazo cy'ubuhunzi kimaze imyaka myinshi, kurwanya imvugo zuzuye urwango yibasira igice runaka cy'abaturage no kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

# Kigali: Bibeshye ko malariya yacitse badohotse irabazonga

IBIKURIKIRA URUP.1

Agaragaza ko yari amaze imyaka irenga 6 atayirwara ariko atarara no mu nzitiramibu cyangwa ngo asibe ibihuru bimukikije.

Yagize ati: "Sinari ncyibuka kurara mu nzitiramibu ko bibaho, ariko nyuma yo kuremba ngasangwamo malariya byamfunguye amaso nibuka gukora amasuku no gutera umuti wica imibu."


Karangira Celestin, utuye mu Murenge wa Kimironko mu Karere ka Gasabo, na we avuga ko hari inshuti ye iherutse kuyirwara ariko nyuma aza kwivuza arakira.

Avuga ko nyuma yo kumva ko inshuti ye irwaye malariya batunguwe no kumva umusore uyirwaye kuko ngo bari basigaye bayita indwara y'abana.

Yagize ati: "Yambwiye ko bamusanzemo malariya numva ntibibaho kuko sinari mperutse kumva umuntu mukuru uyirwaye. Gusa kuva yakira yashatse umuti wica umubu kuko yari imuhitanye."

Bavuga ko nubwo batubahirizaga ingamba zo kurwanya malariya bari bazizi ariko gusa hari harabayeho kudohoka kuko babonaga yaracitse.

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC) busaba abantu kongera gukaza ingamba z'ubwirinzi bwa malariya kuko yongeye kwaduka, kandi ko yibasira abantu benshi idatoranya ku buryo buri wese ashobora kuzahazwa na yo.



**Malariya yongeye kwibasira abantu**

Umuyobozi wa RBC Prof. Claude Mambo Muvunyi, avuga ko u Rwanda rwugarijwe na malariya, bityo hakenewe ubufatanye bwa buri wese mu kuyirwanya nubwo hari ingamba zafashwe.

Yagize ati: "Ni ikibazo gikomeye cyane tugomba gukomeza kurwanya kuko byagiye bigaragara ko malariya ihangayikishije Isi n'igihugu cyacu. Twafashe ingamba zitandukanye zo guhangana kandi turabizi ko twese twifatanyije tuzayitsinda."

Mu mezi ane ashize, mu Mirenge 20 yabaruwe mu gihugu ifite malariya nyinshi 15 muri yo ni iyo muri Kigali, hakazamo n'indi ariko yo mu Karere ka Nyagatare (mu Burasirazuba) na Gisagara (mu Majyepfo).

Imibare ya RBC yo muri Gashyantare 2025, igaragaza ko Umujyi wa Kigali iri ku isonga mu zugarijwe na Malariya aho mu Turere tuwugize aka Gasabo kayoboye utundi mu Gihugu n'abarwayi 15 409, Kicukiro igakurikiraho n'abarwayi 10 473, aka Nyarugenge kakaza ku mwanya wa gatanu n'abarwayi 5 161.

# U Rwanda rwatashye ku mugaragaro Ambasade yarwo muri Pakistan

**SHEMA Ivan**

***Leta y'u Rwanda yatashye ku mugaragaro Ambasade yarwo muri Pakistan ihereye mu Mujyi wa Islamabad, mu gushimangira umubano uhuriweho n'ibihugu byombi.***



U Rwanda rwafunguye ku mugaragaro Ambasade yarwo muri Pakistan

Ni umuhango wabaye ku wa Kabiri tariki ya 22 Mata 2025, witabirwa na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Olivier Nduhungirehe, abayobozi bakuru muri Guverinoma, abadipolomate, abanyamakuru n'abahagarariye abikorera mu Mujyi wa Islamabad.

Umubano w'u Rwanda na Pakistan mu bya dipolomasi watangiye guhera mu kwezi kwa Nyakanga 1962, kuva icyo gihe kugeza uyu munsi ibihugu byombi bikaba bifatanya mu nzego zirimo ubucuruzi n'ishoramari, ibya gisirikare ndetse n'urwego rw'ubuzima.

Muri Gashyantare 2021, Pakistan yafunguye Ambasade yayo i Kigali, mu gihe mbere y'aho inyungu z'icyo gihugu zareberwaga n'Ambasade yacyo y'i Nairobi muri Kenya.

U Rwanda ruhagarariwe muri Pakistan na Ambasaderi Fatou Harerimana ureberera inyungu zarwo kuva muri Nyakanga 2024.

Iyi ambasade yafunguwe mu 2024, ni iya 49 u Rwanda rufite ku migabane itanu itandukanye.

# U Rwanda rwakiriye impunzi n'abimukira 137 bavuye muri Libya

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Mu ijoro ryo ku wa Gatatu tariki ya 23 Mata, u Rwanda rwakiriye icyiciro cya 21 cy'impunzi n'abimukira 137 baturutse muri Libya.***



Impunzi zaturutse muri Libya zakiriwe n'u Rwanda

Iryo tsinda rigizwe n'abantu bageze muri Libya baturutse mu bihugu bitandukanye, bakaba barimo 14 bavuye muri Eritrea, 81 bavuye muri Sudani, 21 bavuye muri Ethiopia, na 21 bavuye muri Sudani y'Epfo.

Guverinoma y'u Rwanda ifatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR) ndetse n'Umuryago w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) bashyizeho inkambi y'agateganyo ya Gashora ibafasha kubaho neza mu gihe bategereje ibihugu bibakira.

Guhera mu mwaka wa 2019, ubwo iyo gahunda yatangiraga, u Rwanda rumaze kwakira abasaba ubuhungiro baturutse muri Libya 2.760, muri bo abarenga 2.100 bakaba baramaze kubona ibihugu byo mu Burengerazuba bw'Isi bibakira ku buryo buhoraho.

Ibihugu byabakoriye yiganjemo u Bufaransa, Finland, u Buholandi, u Bubiligi no muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Suède, Canada na Norvège.

Ubuyobozi bwa UNHCR burashimira Guverinoma y'u Rwanda n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU), ku bwitange bashyira muri iyi gahunda yo gutabara ubuzima bw'Abanyafurika ibihumbi n'ibihumbi buri mu kangaratete.

Tariki ya 23 Kanama 2024, Leta y'u Rwanda yongeye gushyira umukono ku nyandiko yongera amasezerano yo gukomeza kwakira impunzi n'abimukira bafatiwe muri Libya bashaka kwerekeza ku Mugabane w'u Burayi.

Ni inyandiko yashyizweho umukono n'Ambasaderi w'u Rwanda muri Ethiopia Gen Maj Charles Karamba wahagarariye Guverinomma y'u Rwanda, muri icyo gikorwa kigamije kurushaho gushakira ibisubizo birambye ikibazo cy'ubuhunzi n'ubwimukira ku Banyafurika bisanga mu bibazo bari mu nzira zo kujya i Burayi.

Iyo nyandiko y'inyongera yaje ikurikira iya mbere yashyizweho umukono ku wa 14

Ukwakira 2021, aho u Rwanda rwemeye ko ruzakomeza gukoresha Inkambi y'Agateganyo ya Gashora iri mu Karere ka Bugesera mu kwakira impunzi kugeza ku wa 31 Ukuboza 2023.

Icyo gihe byatangajwe ko ubushobozi bw'Inkambi y'Agateganyo ya Gashora bwongerewe bukava ku kwakira abantu 500 icya rimwe, bakaba 700.

Ku wa 10 Nzeri 2019 ni bwo u Rwanda, Umuryango w'Afurika Yunze Ubunmwe (AU) n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR), byashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye, yatumye rwakira impunzi zaturutse muri Libya.

Binyuze mu kuvugurura ayo masezerano, Leta y'u Rwanda izakomeza kwakira no guha umutekano n'ibindi byangombwa nkenerwa impounzi n'abimukira cyangwa abandi bantu bari mu kaga bakuwe mu bigo bari bafungiwemo muri Libya.

U Rwanda rwakira aboherejwe ku bushake bwabo, kandi iyo bahageze bahabwa ibyangombwa byose nkenerwa ku bufatanye na UNHCR mu gihe bagitegereje kubona ibihugu by'i Burayi n'Amerika byemera kubakira bikabatuza mu buryo buhoraho.








Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr Utumatwishima Abdallah, yabwiye urubyiruko ko hari igihe bitazihanganirwa kuvuga ngo ntiruzi amateka

# Hari amakosa tutazajya tubabarira Urubyiruko-Minisitiri Dr Utumatwishima

**MUTETERAZINA Shifah**

***Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr Utumatwishima Abdallah, yabwiye urubyiruko ko bakwiye kwiga amateka kuko hari amakosa batazajya bababarirwa aterwa no kutamenya amateka bikabaviramo gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Ni ubutumwa yahaye abarenga 2000 bitabiriye Ihuriro ry'Urubyiruko, Igihango cy'Urungano, mu Intare Conference Arena i Rusororo.

Minisitiri Dr. Utumatwishima, avuga ko urubyiruko rukwiye kujya rwigira mu bihe byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 biba buri mwaka.

Yagize ati: "Hari amakosa tutagomba kuzajya twemera kubabarira urubyiruko, kuvuga y'uko batazi amateka y'u Rwanda tumara igihe cy'amezi atatu mu minsi 100 twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

[...] Hari igihe muzajya mukora ibyaha bituruka ku ngengabitekerezo ya Jenoside, kuvuga ko utazi amateka ntibibe igisobanuro tuzemera."

Yabasabye ko mu bihe byo kwibuka bazajya baherekeza bagenzi babo bajya gushyingura imibiri y'ababo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, bagenda baboneka, bikabafasha kumenya no kwiga amateka bari kumwe na bo yagizeho ingaruka.

Dr Utumatwishima yanasabye ababyeyi kugira uruhare mu kwigisha abakiri bato amateka y'u Rwanda, kugira ngo bafashe inzego zitandukanye.

Ati "Ariko turanasaba ababyeyi, abantu bamaze gukura bari bahari igihe Jenoside yakorwaga, kugira ngo na bo bagire uruhare mu kujya kuganiriza urubyiruko, cyane cyane abantu bagasubira iwabo, aho tuvuka, aho twize tukaganira n'urubyiruko rwaho aya mateka, ukuri kw'ibyabaye."

Yanagarutse ku bakoresha imbuga nkoranyambaga bakwirakwiza ibinyoma by'umwihariko imiryango yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Nta kintu kuba Abahutu byabamariye mu myaka irenga 31, icyo babikoresheje ni amacakubiri, kuvangura abantu mu mashuri, kubavutsa uburenganzira bwo kwiga [...]

Reka tubabwire ko n'iyo yaba ari ababyeyi babo babikoze, uwo murage babasigiye ni mubi. Hano mu Rwanda nta muntu uvangurwa, imyaka 31 ishize Abanyarwanda bose biga, ntawe ubuzwa amahirwe yo kubona akazi. Nta we bahagarariye, ubwo burozi bw'ingengabitekerezo ya Jenoside ntibaduheho, turabamaganye."

Yijeje ubuyobozi bukuru bw'Igihugu n'Abanyarwanda, ko urubyiruko rutazatatira igihango rwagiranye n'ubuyobozi cyo guhamya ukuri ku buzima bwiza barimo buzira ivangura.

# Nta nzira y'ubusamo ihari-Makolo ku masezerano u Rwanda rwasinyanye na RDC

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo yagaragaje ko u Rwanda rwishimiye ko rwasinyanye na RDC amasezerano agamije amahoro hagati y'ibihugu byombi ariko yibutsa ko nta nzira y'ubusamo ihari, ko ahubwo impande zose zirebwa nayo zigomba kuyubahiriza kugira ngo agerweho mu buryo burambye.***

Ayo masezerano akubiyemo amahame agamije kugarura amahoro arambye ibihugu byasinyanye, bibifashijwemo na Leta zunze Ubumwe za Amerika.

Ni igikorwa cyabereye i Washington, D.C ku wa 25 Mata 2025, aho u Rwanda rwari ruhagarariwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Olivier Nduhungirehe na mugenzi we Thérèse Kayikwamba Wagner wari uhagarariye RDC babifashijwemo na Marco Rubio, Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika ushinzwe Ububanyi n'Amahanga.

Yolande Makolo abinyujije ku mbuga nkoranyambaga yagaragaje ko u Rwanda rushyigikiye ayo masezerano ariko yibutsa ko kugira ngo agerweho impande zose bireba zikwiye kubigiramo uruhare kandi zigashyiramo imbaraga zihagije.

Yagize ati: "Gusinya amazerano y'amahame y'ibanze, agamije amahoro, yasinywe na ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'u Rwanda na RDC, yari ahagaririwe n'Umunyabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Marco Rubio, aragaragaza impinduka nziza kandi ziganiriweho zigamije gukemura ibibazo by'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC, mu buryo bunoze"

Yunzemo ati: "Nta nzira y'ubusamo ihari, kandi impande zose zirebwa n'iki kibazo zigomba kubishyiramo imbaraga zifatika, kugira bigerweho bya nyabyo.

U Rwanda ruzakomeza gushyigikira inzira z'amasezerano agamije amahoro, kuko ari yo azakemura ibibazo byose, harimo umutekano muke, iby'imiyoborere n'ibyo guteza imbere ubukungu bw'Akarere."

Nyuma yo gusinya amasezerano, abinyujije ku mbuga nkoranyambaga ze Minisitiri Amb Nduhungirehe we yatangaje ko mu gusinya amazerano biyemeje gusigasirana mu iterambere.

Yagize ati: "Abitabiriye ibiganiro biyemeje gushakira hamwe gushyiraho uburyo bwo guhuza ibikorwa byo kubungabunga umutekano, bugamije kurwanya imitwe yitwaje intwaro n'iy'abagizi ba nabi, yibasira umutekano w'ibihugu byitabiriye ibi biganiro.

Yakomeje ati: " [...] Abitabiriye ibiganiro kandi biyemeje gutangiza cyangwa kwagura ubufatanye ku byihutirwa basangiye, birimo iterambere ry'ingufu za hidroelektrike, imicungire y'amaparike y'igihugu, kugabanya ingaruka ku bikorerwa mu mabuye y'agaciro, no gushyiraho imigendekere myiza, isobanutse kandi yubahirije amategeko agenga icukurwa ry'amabuye y'agaciro (uva ku bucukuzi ukagera ku isuku n'itunganywa ryayo), ibi byose bikazahuzwa hagati y'ibihugu byombi, ku bufatanye n'ubuyobozi bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'abashoramari bayo."

Imyaka isaga itatu irashije Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ishinja u Rwanda gutera inkunga umutwe wa M23, urwanira uburenganzira bwa bene wabo.

U Rwanda na rwo rwakomeje kugaragaza ibirego bya Leta ya Congo ko nta nshingiro bifite ahubwo rukavuga ko bishingiye ku kwihunza inshingano kwa Guverinoma ya RDC aho yananiwe gukemura ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwayo aho ifatanya n'umutwe wa FDLR ugizwe na bamwe mu basize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ukaba ukomeje no gukwirakwiza imvugo z'urwango n'ingengabitekerezo ya Jenoside yica, ikanahohotera Abanyekongo bo mu bwoko bw'Abatutsi.



Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo yagaragaje ko u Rwanda rwishimiye ko rwasinyanye na RDC amasezerano agamije amahoro

# Papa Francis yasezeweho bwa nyuma ashimirwa umurage asize w'impuhwe n'ubwitange

**ZIGAMA Theoneste**

***Uwari umushumba wa Kiliziya Gatulika ku Isi, Papa Francis uherutse kwitaba Imana, yasezeweho bwa nyuma ashimirwa umurange w'impuwe n'ubwitange asigiye Isi.***



**Nyakwigendera Papa yasize umurage w'urukundo, impuhwe no kwita ku bakene**

Kardinali Giovanni Battista Re, Umuyobozi w'Inama Nkuru y'Abakardinali, mu gitambo cya misa cyo kumusezeraho, yagaragaje ko yaranzwe no gukunda abantu, akorera abakene, kandi akaguma hafi y'abantu be kugeza ku munota wa nyuma, iyo shusho yaramuranze mu buzima bwe no mu murage we.

Misa yabaye kuri uyu wa Gatandatu, tariki 26 Mata, kuri Bazilika ya Mutagati Petero i Vatican, yakurikiranywe n'imbaga y'abantu ibihumbi, barimo Abakuru b'Ibihugu, abayobozi ba za Guverinoma, n'abandi baturutse hirya no hino ku Isi.

Kardinali Re yagarutse ku buyobozi bwa Papa Francis, wavuguruye isura ya Kiliziya abinyujije mu bwiyoroshye, impuhwe, no kwiyemeza gukorera abantu bose.

Yagize ati: "Mu kababaro dufite, dukomejwe n'ukwizera; ubuzima bwa muntu ntibuhagararira mu mva, ahubwo bushyikira indunduro mu rugo rwa Data."

Yagaragaje amarangamutima menshi ashimira abayobozi batandukanye n'abandi baje i Vatican kunamira Papa Fransisiko, byerekana uburyo ubuzima n'inyigisho bye byakoze ku mitima ya benshi.

Ishusho ya nyuma ya Papa Fransisiko, nk'uko Kardinali Re yabivuze, izahora yibukwa.

Ku Cyumweru cya Pasika, tariki 20 Mata, ku munsi Mukuru wa Pasika, yagaragaye ku ngoro ya Bazilika ya Mutagatifu Petero, aha umugisha abantu n'ubwo ubuzima bwe bwari bugeraniwe.

Nyuma gato, yamanutse mu kibuga mu modoka ye ifunguye (popemobile) ajya kwegera imbaga y'abakristu.

Yibutsa amagambo ya Yezu abwira Petero ati: "Urankunda? Ragira intama zanjye," Karidinali Re yashimagije uburyo Papa Fransisiko yakiriye ubwo butumwa butagatifu abishyizeho umutima, n'ubwo yari afite intege nke ari no mu bubabare.

Abamuzi bahamya ko Papa Francis uhereye ku iyimikwa rye ku itariki ya 13 Werurwe 2013 kugeza mu minsi ye ya nyuma, yakurikije inzira ya Kristu yo gukorera abandi, yitangira Kiliziya n'abantu bose.

Yavutse yitwa Jorge Mario Bergoglio, yari Arikiyepiskopi wa Buenos Aires, akaba yari uwihayimana wo muryango w'Abayezuwiti.

Icyemezo cye cyo kwitwa Fransisiko cyagaragazaga umurongo ashyize imbere, yakuye kuri Mutagatifu Fransisiko wa Asizi, warangwaga no kwiyoroshya, kwegera abakene, no kuba mu buzima bworoheje.

Karidinali Re yavuze ko Papa Fransisiko yayoboye Kiliziya ashyize imbere ubusabane n'abantu, by'umwihariko abakene n'abatagira kivurira.

Ati: "Yari Papa uri hagati y'abantu, afunguye umutima kuri bose, kandi afite impano idasanzwe yo kugeza ubutumwa bukomeye bw'Ivanjili mu magambo asobanutse, imfashanyigisho, n'impuhwe."

Iyogezabutumwa, imbabazi n'ubuvandimwe byari insanganyamatsiko z'ingenzi mu gihe cye nk'Umushumba wa Kiliziya.

Inyandiko ye ya mbere, Evangelii Gaudium (Ibyishimo by'Ivanjili), yagaragazaga umuhamagaro we wo kugeza Ivanjili ku bantu bose mu buryo bushya n'imbaraga nshya.

Yifuzaga Kiliziya ko iba nk'ibitaro bifasha abakomeretse, ifunguye kuri bose, nta vangura.

Yagaragaje urukundo rudasanzwe ku bakene n'abimukira: urugendo rwe rwa mbere nk'Umushumba wa Kiliziya rwamujyanye kuri Lampedusa ikirwa cy'u Butaliyani kiri mu nyanja ya Mediterane, ahagaragaza ikibazo cy'impunzi; nyuma ajya i Lesbos hamwe n'abandi bayobozi b'amadini; anatura igitambo cya Misa ku mupaka wa Amerika na Mexique bari bifitanye amakimbirane.

Mu ngendo 47 yakoze, urwo mu 2021 muri Iraki rwavuzwe cyane kubera ubutwari bwo kwifatanya n'abo mu karere kanyuze mu makuba y'intambara.

Mu 2024, Papa Fransisiko yageze mu bice bitandukanye by'Isi muri Aziya na Oceania, yerekana ukwiyemeza kwe kwegera abaturage.

Yamaganye kenshi intambara, ayita "itsindwa ry'agahinda ku bantu bose," asaba Isi kubaka "ibiraro aho kubaka inkuta."

Inyigisho ze yashingiraga ku Ivanjili y'imbabazi, avuga ati: "Imana ntirambirwa kutubabarira."

Ibi byasorejwe mu kumushyira mu isabukuru idasanzwe y'imbabazi, ashishikariza ko imbabazi ari umutima wa Gikristu.

Karidinali Re yanashimangiye uruhare rwa Papa Fransisiko mu guteza imbere ubuvandimwe ku Isi.

Mu nyandiko ye Fratelli Tutti yo mu 2020, yagarutse ku nzozi z'ubuvandimwe bw'isi yose, agira ati: "Ntawe ushobora kurokoka wenyine."

Yashimangiye iyo ntego ubwo yagiriraga uruzinduko mu 2019 muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu, aho yasinyanye n'abandi bayobozi inyandiko ku buvandimwe n'amahoro.

Papa Fransisiko kandi yabaye umuvugizi ukomeye w'ibibazo by'ibidukikije afata inshingano yo kurengera ibidukikije ku rwego rw'ubutumwa bw'iyobokamana n'ubumuntu.

Muri rusange, ubutumwa bwa Papa Francis bwari ubuhamya bw'ubuntu n'ubutagatifu, ubutumire ku rwego rw'umutimanama, impuhwe n'icyizere. Uburyo bwe bworoheje, imvugo isanzwe n'impuhwe byatumye aba umuyobozi w'icyitegererezo ku Isi yose, no kuri bamwe batari basanzwe ari abakristu.

Kardinali Re yasoje agira ati: "Ubu, Papa Fransisiko dukunda, turagusaba kudusabira. Ha umugisha Kiliziya, Roma n'Isi yose, nk'uko wabikoze ku Cyumweru gishize."





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Umubu ntukwiye kutuganza*

*Umubu ukuduhira mu matwi ukakubuza gusinzira mu ijoro, ni yo nyamaswa ya mbere yica abantu benshi kurusha izindi ku Isi yose. Aka gakoko ni gato ariko kica abakabakaba ibihumbi 800 buri mwaka nk'uko bitangazwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (WHO).*

*Mu Rwanda by'umwihariko, naho malariya ikomeje kwiyongera aho imibare igaragaza ko abo kanduza malariya barushaho kwiyongera cyane, nk'uko bimeze n'ahandi hose ku mugabane wa Afurika ahabarurwa 95% by'imfu ziterwa n'iyo ndwara ku Isi.*

*Kubera iki malariya yiyongereye mu Rwanda n'ahandi muri Afurika? Ni uruhe ruhare wagira mu guhagarika ubu bwiyongere, no kwirinda ingaruka zikomeye ziterwa n'umubu?*

*Nubwo hari impamvu umuntu ashobora kutagiramo uruhare, ariko impamvu nyinshi zishobora gukumirwa mu gihe buri wese yagira ibye gukurikiza amabwiriza y'inzego.*

*Malariya ikwirakwizwa n'umubu warumye uwanduye plasmodium, iyo munyunyuzi (parasite) ikaba itembera mu maraso ye, ku buryo umubu umwe ushobora kwanduza abo mu muryango wose n'abaturanyi babo.*

*Bivuze ko ubwirinzi bwa mbere buhera ku kurwanya impamvu zishobora guha urwaho rwo kurumwa n'umubu, cyane ko bigoye kumenya umubu warumye uwanduye cyangwa utanduye parasite ya 'plasmodium.'*

*Mu ngamba z'ibanze zidahwema gushishikarizwa abantu ni ukurara mu nzitiramubu ikoranywe umuti, gukoresha imiti yirukana imibu aho umuntu arara, ndetse hari n'amavuta asigwa ku mubiri ashobora kuyirukana.*

*Ibyo bijyana no kwirinda ko aho umuntu atuye hazengurukwa n'ibihuru cyangwa ngo hareke amazi, kuko ari ho iyo mibu yororokera ariko ikaba ikenera amaraso y'abantu kugira ngo irere amagi yayo. Gukora ibyo, ni intambwe ya mbere yo guhashya malariya.*

*Uwarwaye yihutira kujya kwa muganga akavurwa, aba ahagaritse ibyago byo gukomeza kuba nyirabayazana wo kwanduza bagenzi be nk'uko bishimangirwa n'inzego z'ubuzima.*

*Mu gihe ubushakashatsi bw'inzego z'ubuzima bushimangira ko malariya ikomeje kuboneka ahantu hashya itagaragaraga kubera ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, kuba iyo ndwara itagikangwa n'imiti imwe n'imwe yajyaga iyihashya, zinashimangira ko hakenewe ubufatanye mu guhangana n'icyo cyorezo cyibasiye ibihugu bikennye n'ibikiri mu nzira y'amajyambere.*

*Uretse malariya, birakwiye kuzirikana ko ubwoko bw'imibu butandukanye bukwirakwiza indwara zitandukanye zirimo nk'indwara y'umusinziro (Dengue), Fievre Jaune n'izindi.*

*Nk'uko abantu bafata ingamba zo kwirinda inyamaswa z'inkazi, birakwiye ko n'umubu ubatera ubwoba bakanawirinda cyane badatezuka ku ngamba zo gukumira kuribwa na wo, kuko ari wo wongera imfu nyinshi ku Isi zituruka ku kuribwa n'inyamaswa.*



**Abanyeshuri ba IPRC Kigali yahoze ari ETO Kicukiro basobanuriwe amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

# MINEDUC yibukije urubyiruko kwirinda amacakubiri rukarangwa n'ubwitange

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburezi, MINEDUC yasabye urubyiruko rukiri mu mashuri n'urwayasoje gukomeza gusigasira ibyagezweho birinda amacakubiri bakagira umuco wo gukorera no kwitangira Igihugu.***

Ibyo byagarutsweho ku mugoroba wo ku wa 25 Mata 2025, muri IPRC Kigali, ubwo hibukwaga ku nshuro ya 31 abari abakozi n'abanyeshuri bo mu ishuri ryahoze ari ETO Kicukiro bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu gihe cya Jenoside, Abatutsi ibihumbi baturutse imihanda yose bahungiye muri ETO Kicukiro bizeye gutabarwa n'ingabo za Loni (MINUAR) zari ziri aho ariko zirabatererana.

Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC, Irere Claudette yasabye urwo rubyiruko gukomeza kubaka igihugu kizira amacakubiri.

Yagize ati: "Turizera ko indangagaciro zitorezwa muri iri shuri n'ahandi muzazikomeza zikabafasha kubaka Abanyarwanda, tugakumira amacakubiri tukimakaza ubumwe."

Yongeyeho ati: "Nitudakura amaboko mu mufuka ngo dukore twitange tutizigamye abadukomokaho bazabitubaza bazavuga ko twabaye ibigwari."

Irere yasabye urubyiruko guhangana n'abahakana n'abapfobya Jenoside; haba ari abifashisha imbuga nkoranyambaga cyangwa babikora mu bundi buryo.

Yabasabye kubasobanurira bashize amanga ndetse bakerekana ishusho nyayo y'Igihugu, aho cyavuye, aho kigeze barushaho kugendera kure ingengabitekerezo yabashora mu bibi.

Umuryango uharanira inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, IBUKA wahaye umukoro abakiri bato wo kwirinda ibitekerezo bibi kandi bakigira badatagereje akimuhana.

Komiseri wa IBUKA; Umushakashatsi ndetse n'umuhanga mu by'imitekerereze Dr August Nshimiyimana yagaragaje ko abakiri bato ari bo batabaye u Rwanda mu 1994, bityo ko n'abubu bigomba kubabera isomo.

Yavuze ko abahungiye muri ETO bari bizeye ubufasha bwa LONI ariko ibatererana mu byago; ibyo nabyo bikaba ari isomo.

Yagize ati: "Loni yatereranye Abatutsi bari bahungiye aha muri ETO birimo inyigisho yo kwigira. Ni ukwigira tudategereje akimuhana kazaza imvura ihise."

Bamwe mu banyeshuri ba IPRC Kigali bagaragaza ko basobanukiwe amateka kandi bibonera abayabayemo bayavuga.

Nziza Abby Shallon avuga ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bimutera gutekereza cyane akareba imbaraga Jenoside.

Yagize ati: "Iyo turebye uburyo Jenoside yakoranywe ubukana hari ubwo tugira ngo abantu bari barahindutse inyamanswa. Gusa twababona ubwabo bivugira ko babikoze tukabona ni abantu, nkahita mbona ko isomo ririmo ari ukurwanya ikibi cyose."

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yasize abarenga miliyoni bishwe mu gihe cy'amezi atatu gusa.

# Dr Bizimana yagaragaje uko urubyiruko rwakoreshejwe Jenoside n'abari injijuke

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr Jean Damascene Bizimana yagaragaje uburyo urubyiruko rwatojwe kandi rugategurwa n'abari injijuke gukora Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Yabigarutseho ubwo yahaga ikiganiro urubyiruko rusaga 2 000 rwaturutse hirya no hino mu Gihugu hose rwitabiriye Ihuriro ry'Urubyiruko, Igihango cy'Urungano ku wa Gatanu tariki ya 25 Mata 2025.




**Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu yagaragaraje uburyo injijuke zakoresheje urubyiruko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Ihuriro ry'Urubyiruko Igihango cy'Urungano ribaye ku nshuro ya 12, rihuza urubyiruko n'abayobozi mu nzego zitandukanye baturutse hirya no hino mu gihugu mu gikorwa cyo kwibuka urubyiruko rwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yabasobanuriye uburyo ubuyobozi bubi bworetse urubyiruko mu macakubiri, irondakoko n'irondakarere bubinyujije mu kurubibamo iyo mitekerereze binyuze mu mashyirahamwe n'amatsinda, maze rwishora muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Ubuhumyi bwa rubanda bwashyizweho n'umupadiri Naveau wabaga i Nyanza, ngo byasobanuraga ko kureka Abatutsi mu mashuri ari ubuhumyi nk'ubundi, ahereye ku bo yigishaga i Nyanza ndetse nyuma haje gushingwa ishyirahamwe Ihuriro ry'Abanyeshuri bo muri Afurika yo hagati."

Yarishingiye i Nemba nyuma, ubu ni mu Karere ka Gakenke, nyuma yaje kuryimurira i Nyanza muri Mata 196o."

Ndetse byaje kugaragara ko uwo mupadiri w'Umubiligi atari afite ibitekerezo byiza, asubizwa iwabo mu Bubiligi, agaruka mu 1972, bibwira ko yahindutse.

Raporo ya Minisiteri y'Uburezi yo mu 1973 igaragaza ko hari ubusumbane mu kwiga, kuko Abatutsi bahezwaga, haba muri Repubulika ya mbere ku bwa Kayibanda, Gregoire no kuri Repubulika ya kabiri ku bwa Gen. Maj. Habyarimana Juvenal.

Dr Bizimana yagize ati: "Nko muri Kaminuza, Abahutu bari kuri 91,5%, naho Abatutsi ari 8,5%. Muri IPN, Abahutu bari 97% naho Abatutsi ari 3%. Abatwa bo ntanabarimo."

### Hashyizweho code yo kumenesha Abatutsi

Mu kiganiro yakomeje asobanura uburyo hashyizweho 'code' yo kumenesha Abatutsi.

Ati: "Hashyizweho Code, Imeneshwa cyangwa kumenesha abanyeshuri b'Abatutsi, ubwo ab'Abahutu bagombaga kumenya icyo bagomba gukora."

Nyuma hanakomeje gushyirwaho amatsinda yo kwirukana abanyeshuri b'Abatutsi, bakabamenesha bakava mu ishuri.

Yagize ati: "Habayeho gutoranya amatsinda azashyira mu ngiro icyo gikorwa, bise kurengera rubanda, ubwo rubanda bari Abahutu. Izo komite zimaze gushyirwaho hanashyizweho itsinda rikora ubugenzuzi."

Ndetse hashyizweho n'irindi tsinda (commando) ryari rifite uburenganzira n'ububasha bwo guhana abatabikora. Hanemejwe ko iryo tsinda rizajya no mu bigo bya Leta, Minisiteri n'ibigo byigenga hakazemezwa ko lisiti z'Abatutsi zimanikwa hanyuma bakibwiriza bagataha batabikora ku neza bakabitegekwa.

Minisitiri Dr Bizimana yakomeje asobanura uburyo abayobozi bakomeje gutoteza Abatutsi.

Yagize ati: "Kayibanda abajijwe impamvu abo banyeshuri birukanwa avuga ko ari ukwirukana amabandi."

Yakomeje agaragaza ko muri izo mvururu ari bwo uwari Minisitiri w'ingabo, Gen. Maj. Habyarimana Juvenal yuririye kuri izo mvururu ahirika Kayibanda maze na we ku ya 1/8/1973, agaruka ku burezi avuga ko kwiga bizajya bishingirwa ku moko no ku Turere.

Dr Bizimana ati: "Mu mwaka w'amashuri wa 1972/1973 abanyeshuri barangije bose hamwe basagaga 1700, muri bo 63 ni bo gusa bari Abatutsi. Mu 83/84 harangije abanyeshuri 1093, muri bo 941 bari Abahutu naho Abatutsi bari 152, nta Mutwa wize. Nyagahanga, Kabutare, Inyemeramihigo nta Mutusi numwe warangije.

Mu 73-77 mu myaka ine harangije 501, Abatutsi bari 21 ni ukuvuga 4%. Hari n'amashami atarinjirwagamo nabo nk'ubukungu."

Si mu mashuri yisumbuye gusa, kuko no muri kaminuza bihereye mu buyobozi bwashyizeho amatsinda ashingiye ku macakubiri yo kujuragiza Abatutsi, baratotejwe ndetse barirukanwa.

Muri Kaminuza urubyiruko rwinjijwe mu matsinda yabaga muri izo kaminuza, amatsinda agafatanya n'abayobozi b'amashami bari muri MRND n'Interahamwe.

Minisitiri Dr Bizimana yagize ati: "Hashyizweho mu Ishami ry'ubuhinzi Aloys Muhawenimana, Bangamwabo mu Ishami ry'indimi, Gakwaya Jean mu Ishami ry'amategeko, Karemera Alphonse yayoboraga Ishami ry'ubuganga."

### 1990-1994 Leta yashyizeho gahunda yo gutegura Jenoside

Muri Kaminuza urubyiruko rwijijwe mu matsinda ashingiye ku macakubiri maze injijuke ziba ku isonga ryo gukora Jenoside.

Mu 1992 na 1993 hashinzwe amashyirahamwe agamije kwinjiza Abanyeshuri mu Nterahamwe ingero nk'Ihuriro ry'abaharanira Repubulika bareba kure ryashinzwe mu 1992 rishinzwe n'abaturukaga mu Ruhengeri, […] i Butare hashinzwe istinda bise Werurwe 92, Abahuzamugambi bagamije kurwanya Inkotanyi n'andi.

Mu gihugu hose hagiye hashingwa andi mashyirahamwe nkayo, ku rwego rw'Igihugu, hari iryitwaga Amasasu, i Huye bashinga Batallon Huye, Muhanga bahashyira Batallon Ndiza, naho Gisagara baryitaga abajepe n'andi.

Muri Murambi hashinzwe itsinda ry'abagore bitwaga Interamwete bashyizemo n'abana babita imiyugiri babatoza kwica abandi bana. Urubyiruko rwakoreshejwe, n'abari babashinzwe.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana yasabye urubyiruko kubyaza umusaruro amahirwe ahari kuko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahagaritswe, ubu Igihugu kitavangura abana bacyo, abasaba kutemerera uwo ari we wese wabazanamo amacakubiri.

# Yahaye u Rwanda, Karidinali wa mbere kimwe mu byo Papa Francis azibukirwaho- Dr Ngirente

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yavuze byinshi mu byo Nyakwigendera Nyirubutungane Papa Francis azibukirwaho, harimo no kuba yarahaye u Rwanda Karidinali wa mbere mu mateka yarwo.***

Ni ubutumwa yatanze ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatanu tariki ya 25 Mata 2025, mu misa yo gusabira Papa Francis, witabye Imana ku wa Mbere tariki 21 Mata 2025 ku myaka 88.

Yagize ati: "Papa Francis yahaye u Rwanda, Cardinal wa mbere mu mateka yarwo. Tariki 22 Ukwakira 2020, ni bwo uwari Musenyeri Antoine Kambanda yagizwe 'Cardinal' aba uwa mbere ugeze kuri urwo rwego mu mateka ya Kiliziya Gatulika mu Rwanda."

Hari ku itariki ya 22 Ukwakira 2020, ubwo uwari Musenyeri Antoine Kambanda yagizwe 'Cardinal' aba uwa mbere ugeze kuri urwo rwego.

Avuga ko ari iby'agaciro kuri Kiliziya Gatulika mu Rwanda n'Igihugu muri rusange, amushimira ko yanashyizeho benshi mu Bepisikopi u Rwanda rufite.

KOMEZA KU RUP.9





# Yahaye u Rwanda, Karidinali wa mbere kimwe mu byo Papa Francis azibukirwaho- Dr Ngirente

IBIKURIKIRA URUP.8

Minisitiri w'Intebe Dr Edouard Ngirente yashimye ibikorwa byiza byaranze Papa Francis, haba ku rwego rwa Kiliziya ndetse no ku Isi muri rusange.

By'umwihariko nyuma y'aho Papa Francis yaciye bugufi agasaba imbabazi ku ruhare rwa Kiliziya Gatulika muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yapfuye asize umubano wa Kiliziya n'u Rwanda ukomeye.

Nyakwigendera Papa Francis yaranzwe no gukunda abantu bose cyane cyane abakene, intamenyekana n'abari mu kaga.

Misa yo gusabira Papa Francis, yayobowe n'Umushumba wa Diyosezi ya Butare, Musenyeri Ntagungira Jean Bosco, ibera muri Paruwasi Regina Pacis, i Remera.

Yitabiriwe n'Abapiskopi bo mu Rwanda, Abapadiri n'Abihayimana mu miryango itandukanye, Intumwa ya Papa mu Rwanda, Musenyeri Analdo Sanchez Catalan, abaminisitiri n'abakirisitu.



**Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yavuze ko Papa Francis mu byo azibukirwaho ari uko yahaye u Rwanda Karidinali**

Mbere y'uko misa itangira, Minisitiri w'Intebe Dr Edouard Ngirente yanditse ubutumwa mu gitabo cyagenewe ubutumwa bwo gusabira Papa Francis.

Intumwa ya Papa mu Rwanda, Musenyeri Analdo Sanchez Catalan, yagarutse ku mateka ya Papa Francis, wavukiye i Buenos Aires muri Argentine, ku itariki ya 17 Ukuboza 1936. Ababyeyi be bamwise Jorge Mario Bergoglio, aza kwiyegurira Imana, ndetse ahabwa Ubupadiri mu Kuboza 1969.

Ku wa 28 Gashyantare 2013 ni bwo yasimbuye Papa Benedigito wa XVI weguye kuri izo nshingano.

Umuhango wo gushyingura Papa Francis uteganyijwe ejo ku wa Gatandatu tariki ya 26 Mata 2025

# Jenoside itangizwa n'ijambo ryica- Jeannette Kagame

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Madamu Jeannette Kagame yasobanuriye urubyiruko uburyo Jenoside itegurwa ikanashyirwa mu bikorwa mu mugambi wagutse ushyirwa mu bikorwa n'ubutegetsi bugambirira kurimbura igice cy'abaturage ndetse n'abayitegura bagera no ku buryo bazayihakana nyuma yo kubikora.***

Madamu Jeannette Kagame yasabye urubyiruko gushaka kumenya ukuri kw'amateka y'u Rwanda bazirikana ko ibidakwiriye kugibwaho impaka cyangwa gushidikanywaho.

Yakomeje agaragaza ko Jenoside atari indwara itungurana cyangwa Ibiza, ahubwo ko ari umugambi utegurwa kugeze no ku kuyihakana nk'icyiciro cyayo cya nyuma.




**Madamu Jeannette Kagame yasobanuriye urubyiruko uburyo Jenoside itegurwa ikanashyirwa mu bikorwa mu mugambi wagutse**

Yakomeje agira ati: "Ntabwo Jenoside itangirwa n'intwaro no kwica. Itangirwa n'ijambo ryica, ryambura undi ubumuntu, rikagoreka ukuri buhoro buhoro, rikabiba urwango, kugeza n'ubwo umuturanyi akubonamo ikintu kibi akwiriye kwikiza. Mbere y'uko amaraso ameneka, ubwonko bw'abantu n'imitekerereze yabo bibanza gutokozwa n'ikibi ndetse abantu bakumvishwa ko kwica ari inshingano mboneragihugu."

Yabneyeho gusaba urubyoruko rusaga 2000 rwahuriye mu Ihuriro Igihango cy'Urungano kuri uyu wa Gatanu tariki ya 25 Mata, ko ari bo bagezweho bo kwimaka u Rwanda, barwanya ingengabitekerezo ya Jenoside bivuye inyuma kuko ari virusi mbi bakwiye kwirinda.

Yagarutse ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ahumuriza abayirokotse ndetse anabibutsa ko kwemera kwirenga biri mu byubatse umusingi w'ubumwe, ubudaheranwa no kubaka Igihugu.

Yaboneyeho gusaba urubyiruko kwakira amateka y'u Rwanda uko ari ariko bagaharanira kubaka icyo gihugu cyavuye ahabi kikaba gifite icyerekezo kizima.

Ati: "Amateka yacu ntimwayahisemo, ariko u Rwanda rwo, mwaruvutsemo narwo rubavukamo. Ni cyo gihugu cyonyine dufite tutagira undi tukiburana."

Yavuze ko uko ubushakashatsi bugaragaza ko haba iherekanwa ry'ihungabana ryambukiranya ibisekuru, ari na ko bwerekana ko n'ingengabitekerezo ishobora guhererekanywa mu gihe hatabaye amahitamo meza.

Yavuze ko abakuru bafitiye igishyika abakiri bato kuko muri byinshi bashoboye harimo no guharanira ukuri mu Isi bazengurutswemo n'amakuru menshi ku mbuga nkoranyambaga ndetse n'ava mu bantu bumva ko bafite ijambo ku Rwanda.

Yavuze ko umuhanga ari ubasha gushishoza no gusesengura ibyo yumva n'ibyo akurikira.

Ati: "Mwe mukiri bato rero, hari ibindi dukwiriye kuba tubasaba nk'ababyeyi, ariko nanone ntabwo muri bato batakumva impamvu bikiri ngombwa guhagarara ku kuri kw'amateka yacu no gukomeza kwibuka tuniyubaka- byose bikagendera hamwe."

Yabasabye kubona u Rwanda nk'igihugu cyafashe amahitamo atandukanye n'ayafashwe n'ubuyobozi bwateguye bukanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yavuze ko ishusho nshya y'Igihugu ari iy'Abanyarwanda bakomeye ku budasa bw'u Rwanda, bashyigikiye ubuyobozi budaheza, bihesha agaciro, bemera bakarinda amateka yabo abashaka kuyakoresha mu nyungu zabo.

Yahaye umukoro urubyiruko wo kwibaza uwungukira mu kubiba amacakubiri mu Banyarwanda, gusiga u Rwanda icyasha no kubabibamo imbuto yo kutizerana.

# Abakoresha ibihangano by’abahanzi nta ruhushya bagiye kwishyuzwa

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisiteri y’Urubyiruko n’Iterambere ry’Ubuhanzi (MoYA) yatangaje ko igiye gushyiraho ikigo gikusanya umubare w’abakoresheje ibihangano by’abahanzi nta ruhushya, bakishyuzwa amafaranga agahabwa abahanzi.***

Ni ikigo iyo Minisiteri ivuga ko kizajyaho vuba, cyitezweho gutuma abahanzi babona inyungu zikomoka ku mutungo wabo bwite mu by’ubwenge.

Byagarutsweho na Minisitiri w’Urubyiruko n’Iterambere ry’Ubuhanzi, Dr Utumatwishima Jean Nepo Abdallah, ku wa Kabiri tariki ya 22 Mata 2025, mu biganiro yagiranye n’Abadepite bagize Komisiyo y’Uburezi, Ikoranabuhanga, Umuco, Siporo n’Urubyiruko, ku ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y’Urubyiruko yo muri Nzeri 2015.

Yagize ati: “Kimwe mu bintu dukurikirana muri Minisiteri ni uko umuhanzi yahabwa uburenzira, igihano cye kikamubyarira umusaruro. Icyo dushima itegeko ryagiyeho, rigenga uburenganzira ku mutungo bwite mu by’ubwenge.”

Yakomeje avuga ko ubu harimo gushakwa uko hashyirwaho ikigo gifasha mu kwishyuza abakoresha ibihango by’abahanzi bakishyura ndetse hagashyirwaho n’iteka rya Minisitiri ribigenga.

Ati: “Ubungubu, turimo gufatanya na Minisiteri y’Ubucuruzi n’Inganda (MINICOM), n’Urwego rw’Igihugu rw’Iterambere (RDB) dusoma neza ko twashyiraho iteka rya Minisitiri,



**Minisitiri Dr Utumatwishima yavuze ko nihashyirwaho ikigo abahanzi bazajya bungukira ku bihangano bakoze**

kugira ngo iryo tegeko rigenga umutungo bwite mu by’ubwenge rishyirwe mu bikorwa na buri muntu wese.”

Yunzemo ati: “Turashaka gushyiraho ikigo kizajya gikusanya umubare w’abakoresheje ibihangano by’abahanzi, ndetse kigakusanya n’amafaranga abantu bishyuye. Niba ushaka gukoresha igihano muri Hotel, Sitade, ahantu hose hatandukanye ukishyura.”

Minisitiri Dr Utumatwishima yahamije ko ubu harimo kubakwa urwego rw’Abahanzi rugengwa na Leta, rukurikira uburenganzira, imibereho n’imyitwarire y’abahanzi.

Yavuze ko icyo kigo kizajya gitanga icyemezo ku bakora ibikorwa by’ishoramari bitandukanye n’abayobozi b’Inzego z’ibanze ariko bashaka gukoresha ibihangano by’abahanzi binyuranye haba muri za hoteli ndetse no ku Mirenge mu bikorwa bitandukanye.

Ashimangira ko n’abantu bakora akazi ko kuvanga imiziki (DJs) mbere yo kubikora bazajya babanza kwerekana uruhushya bahawe n’abahanzi kandi ko bishyuye ngo bakoreshe izo ndirimbo.

Minisiteri y’Urubyiruko n’Iterambere ry’Ubuhanzi yatangaje ko abahanzi na bo basabwa kwandikisha ibihangano byabo mu rwego rw’Igihugu rw’Iterambere RDB hagamijwe kumenya ba nyirabyo kugira ngo bizababyarire umusaruro.

# Usanzwemo malariya n’abandi bo mu rugo bazajya bapimwa urwaye ahabwe imiti- RBC

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo cy’Igihugu cyita ku Buzima, (RBC) cyatangaje ko bitewe n’ubwiyongere bw’agakoko gatera malariya no guhindura umuvuno k’umubu ugakwirakwiza, umuntu uzajya uyisangwamo n’abo mu muryango nyuma yo gusuzumwa basanzwemo agakoko bazajya bahabwa imiti.***

Icyo kigo kigaragaza ko izo ngamba zafashwe mu rwego rwo guca intege ako gakoko; aho ku ikubitiro iyo gahunda igiye gutangirira mu Mujyi wa Kigali wayogojwe na maraliya.

RBC ivuga ko mu mezi ane ashize, mu Mirenge 20 yabaruwe mu gihugu ifite malariya nyinshi 15 muri yo ni iyo muri Kigali, hakazamo n’indi yo mu Karere ka Nyagatare (mu Burasirazuba) na Gisagara (mu Majyepfo).


**Umuntu uzajya asanganwa malariya n'abandi bo muri urwo rugo bazajya bapimwa, urwaye afate imiti**

Imibare ya RBC yo muri Gashyantare 2025, igaragaza ko Umujyi wa Kigali uri ku isonga mu zugarijwe na Malaria aho Akarere ka Gasabo kayoboye utundi mu gihugu n’abarwayi 15 409, Kicukiro igakurikiraho n’abarwayi 10 473, na Nyarugenge ku mwanya wa gatanu n’abarwayi 5 161.

RBC igaragaza ko ubwo buryo bushya bwo kuvura iyo ndwara buzajya bukorerwa mu Mudugudu, aho Abajyanama b’Ubuzima bazajya bavura umuryango wose wagaragayemo nibura umurwayi umwe.

Umukozi wa RBC mu ishami rishinzwe kurwanya malaria Habanabakize Epaphrodite, avuga ko umubu ushobora gukwirakwiza agakoko ka malariya mu muryango wose.

Ati: “Byashobokaga ko iwawe n’abo mubana mu nzu bashobora kuba bafite udukoko twa malariya ariko bataragira ibimenyetso ubu rero gahunda ihari ni uko dushaka ko niba Umujyanama w’Ubuzima cyangwa muganga agusanzemo Malariya habaho uburyo bwo kujya gupima ba bantu mubana mu nzu bose abo basanzwe bafite agakoko ka Maraliya ariko badafite ibimenyetso na bo bagahita bavurwa bagahabwa imiti.”

Habanabakize agaragaza ko ibyo bizagabanya ubwandu kuko uwandujwe azajya atangira imiti kare.

Yagize ati: “Umubu uza kukuruma ukawanduza hanyuma wazajya gushaka andi maraso ku wundi muntu kubera ko wawanduje na wo ukanduza wa muntu. Bivuze ngo umubu wanduje wa muntu ariko twa dukoko watuvanye muri wowe, rero baguhaye imiti hakiri kare baba bakuvuye bigatuma abantu bareka kwanduzanya.”

Yasabye abantu kwirinda kudohoka ku ngamba zo kwirinda iyo ndwara zirimo kurara mu nzitiramibu ikoranye umuti, gutera umuti uhashya imibu no gukurikiza izindi ngamba zabafasha guhangana na malaria.

RBC ivuga ko mu mwaka wa 2024 abarwayi ba malaria biyongereyeho ibihumbi 200 ugereranyije na 2023, aho bavuye ku bihumbi 600 bagera ku bihumbi 800.

Gusa uko imyaka yagiye yicuma malariya yagiye igabanyuka aho mu 2016/17 hagaragaye abarwayi miliyoni 5, barimo abarwaye iy’igikatu ibihumbi 18, mu gihe abahitanwe nayo ari 300.





# Byinshi ku ngingo z’ibikubiye mu masezerano u Rwanda rwasinyanye na RDC

**ZIGAMA Theoneste**

***Abaminisitiri b’Ububanyi n’Amahanga b’u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ku wa Gatanu, tariki ya 25 Mata 2025, basinyanye “Amasezerano y’ibanze agamije amahoro”.***

Ni mu muhango wari witabiriwe n’Umunyamabanga wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Marco Rubio, ukaba warabere i Washington D.C.

Hagarutswe kuri bimwe mu bikubiye muri ayo masezerano nk’uko byatangajwe na Minisiteri y’Ububanyi n’Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe z’Amerika.

Amerika yagaraje ko u Rwanda na RDC, bagamije gushyigikira inzira y’amahoro, umutekano n’iterambere ry’ubukungu bw’akarere k’iburasirazuba bwa RDC, ndetse no gusubukura umubano usanzwe hagati y’impande zombi.

Yavuze ko kwemera gusinya amaserano bishimangira ubushake bwa politiki bw’impande zombi.



**Amerika yafashije u Rwanda na RDC gusinya amasezerano agamije amahoro arambye**

### Ubusugire, imbibi n’imiyoborere

Impande zombi zemeye gusigasira ubusugire n’ubutaka bwemewe ku mpande zombi kandi ziyemeza gukemura amakimbirane hagati yazo mu nzira y’amahoro ishingiye ku biganiro n’ubuhuza aho gukoresha imbaraga za gisirikare.

Impande zombi zemeye kandi ko gusigasira imipaka yemewe hagati yazo kandi ziyemeza kwirinda ibikorwa cyangwa amagambo ashobora gushyira mu kaga cyangwa gushidikanya ku kuri kw’iyo mipaka.

U Rwanda na RDC biyemeje gushyigikira uburenganzira bwa buri gihugu, kuyobora no gucunga ubutaka bwacyo uko kibishaka, hatabangamiwe ubusugire n’ubutaka bw’undi.

Impande zombi ziyemeje kwirinda kwivanga mu bibazo by’imbere mu gihugu cy’ikindi.

### Umutekano

Impande zombi zemera ko zifite impungenge z’umutekano ku mipaka zihuriyeho, kandi ziyemeza gukemura izo mpungenge mu buryo bwubahiriza ubusugire n’ubutaka bw’ibi bihugu byombi.

Zemera ko amahoro, umutekano n’ituze ari ingenzi mu kongera ubucuruzi bwemewe n’amategeko no guteza imbere ubufatanye bw’ubukungu mu karere.

Ibyo bihugu kandi byemera ko bifitiye inyungu rusange ku kugabanya ikwirakwira ry’imitwe yitwaje intwaro mu mpande zombi, kandi ziyemeza kutayiha ubufasha bwa gisirikare.

Ni ibihugu kandi byiyemeje gushakisha uburyo bwo gushyiraho guhuza imbaraga za gisirikare bugamije kurwanya imitwe yitwaje intwaro n’imitwe y’abagizi ba nabi ibangamira umutekano w’impande zombi.

### Ubukungu bw’Akarere

Impande zombi ziyemeje gushyiraho gahunda zigamije iterambere ry’ubukungu rusange mu karere, zishingiye ku mishinga isanzwe nk’iya ICGLR, COMESA, na EAC, kugira ngo byongere ubucuruzi n’ishoramari mpuzamahanga ku mpande zombi no kunoza imikoreshereze y’umutungo kamere binyuze mu bufatanye bujyana n’amahirwe y’ishoramari.

U Rwanda na RDC biteze ko iyo gahunda izajyana n’ishoramari rinini rishobora guterwa inkunga na Amerika ndetse n’abikorera bayo, hagamijwe guhindura ubukungu bw’akarere ku nyungu z’ibihugu byose bibigizemo uruhare.

Impande zombi kandi ziyemeje kureba uburyo iyo gahunda yahuzwa n’izindi gahunda mpuzamahanga cyangwa z’akarere z’iterambere ry’ubukungu, harimo n’imishinga y’ibikorwa remezo.

Ziyemeje gutangiza cyangwa kongera ubufatanye mu bikorwa bihuriweho nko guteza imbere ingufu z’amashanyarazi aturuka ku mazi, gucunga amapariki y’igihugu, gukuraho ibibazo by’umutekano mu bucuruzi bw’amabuye y’agaciro, no guteza imbere imikorere isukuye n’amategeko kuva ku bucukuzi kugeza ku gutunganya amabuye y’agaciro, binyuze mu bufatanye n’Amerika n’abashoramari bayo.

### Gucyura impunzi

Impande zombi ziyemeje ko ku bufatanye n’amashami y’Umuryango w’Abibumbye, Loni n’imiryango itanga ubufasha, gufasha mu buryo butekanye kandi bushyigikiye ubushake bw’abakuwe mu byabo n’intambara ndetse n’impunzi, gusubira mu ngo zabo mu Burasirazuba bwa RDC, igihe amahoro azaba yagarutse, kimwe n’abaturage ba RDC bari barahunze intambara bakaba bari mu Rwanda cyangwa mu bindi bihugu, byose bigakorwa hubahirizwa amategeko mpuzamahanga.

### Ingabo za Loni (MONUSCO), iz’Akarere n’uburyo bw’ubugenzuzi

Impande zombi ziyemeje gushyigikira ibikorwa bya MONUSCO mu murongo w’inshingano yayo, harimo no kurinda abaturage b’abasivile no gushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Akanama ka Loni gashinzwe umutekano (UNSC).

Ziyemeje no gushyigikira ibikorwa by’ingabo z’akarere n’andi matsinda yahawe inshingano zo gutanga umutekano no kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry’aya masezerano ku mpande zombi n’imitwe yitwaje intwaro.

### Amasezerano y’amahoro

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa aya masezerano, hubahirijwe inzira z’ibiganiro bya Nairobi na Luanda (zamaze guhurizwa hamwe, mu gikorwa kimwe gishyigikiwe n’Umuryango w’Ibihugu by’Afurika y’Iburasirazuba (EAC) n’uw’ibya Afurika y’Amajyepfo (SADC) kandi gishyigikiwe n’Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) ku bufatanye bw’umuhuza washyizweho na AU ari we Perezida Gnassingbé.

Hari kandi ibiganiro biri kubera i Doha hagati ya Guverinoma ya RDC, Guverinoma y’u Rwanda na M23/AFC, impande zombi ziyemeje gukoresha inzira zisanzweho kugira ngo habeho igitekerezo cy’amasezerano y’amahoro azasuzumwa na buri ruhande bitarenze tariki ya 2 Gicurasi.

Mu gihe haboneka kutumvikana ku nyandiko y’aya masezerano, impande zombi ziyemeje guhura ku rwego rwa ba Minisitiri b’Ububanyi n’Amahanga i Washington D.C., mu biganiro bizakorwa ku bufasha bwa Minisiteri y’Ububanyi n’Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

# Bahangiwe umuhanda uhuza Ngoma na Kayonza uzatwara miliyari 1.4 Frw

**HITIMANA Servand**

***Abaturage bo mu Mirenge ya Rukira mu Karere ka Ngoma n'abo mu wa Kabare mu Karere ka Kayonza barabyinira ku rukoma ku bw'umuhanda mushya w'ibilometero icyenda batangiye guhangirwa, ugiye kubakura mu bwigunge.***

Ni umuhanda bitezeho koroshya ubuhahirane uhera ahitwa Gahushyi ugakomereza i Kibatsi ukagera i Nyaruvumu, biteganyijwe ko uzuzura utwaye miliyari 1 na miliyoni 41 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ni umuhanda ubusanzwe watangiye guhangwa ahantu utigeze unyura, ukaba uzashyirwamo laterite ugatsindagirwa.

Abaturage bo mu Mirenge ya Rukira mu Karere ka Ngoma na Kabare mu Karere ka Kayonza, bavuga ko bagorwaga no kutagira umuhanda aho byatumaga akenshi bazenguruka mu buhahirane bikabatwara umwanya n'ubushobozi.

Rutagengwa Isdore utuye mu Kagari ka Butiba, Umurenge wa Rukira, yavuze ko igihe uwo muhanda uzaba wuzuye uzababera igisubizo cy'iterambere kuko bazaba bahahirana mu buryo bworoshye.

Yagize ati: "A batuye mu bice byegereye i Kabare bari baramenyereye kugenda n'amaguru kuko nta modoka yahageraga. Ibi byatezaga igihombo kuko ibihakorerwa cyane bituruka ku buhinzi byatwarwaga ku mutwe bijyanywe ku isoko. Ibyo byanatumaga abaturage bahendwa kuko nta baguzi babasangaga aho batuye."

Akomeza agira ati: "Uyu muhanda rero no wuzura aha hazagendwa, imodoka zihagere ku buryo ufite imyaka yejeje kugerwaho n'abaguzi benshi bizatuma umusaruro we uzamura agaciro."

Abaturage bakomeza bavuga ko mu bindi uyu muhanda uzafasha harimo korohereza abanyeshuri kugera ku mashuri, abaturage kugera kwa muganga n'ibindi.

Mukeshimana Dancilla agira ati: "Uko mwabonye aha hantu hagendekaga nabi. Mu gihe cy'imvura abanyeshuri batahaga amajoro kubera inzira zuzuraga amazi bikabasaba kuzenguruka. Bivuzeko na mugitondo bazengurukaga. Ni kimwe n'abajya kwivuza, washoboraga gutega akamoto mu gihe cy'izuba, ariko mu mvura ntibyakundaga. Ibi rero byose twizeye ko uyu muhanda ugiye kubitangaho igisubizo tukoroherwa."

Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma, Madamu Nathalie Niyonagira, avuga ko ari intambwe ikomeye mu iterambere ry'aka gace gasanzwe kazwiho kweza imyaka myinshi ariko abaturage bakagira imbogamizi zo kugeza umusaruro ku isoko.

Umuyobozi w'Akarere yagarutse ku ruhare rw'abaturage mu gufata neza ibikorwa remezo Leta iba yabegereje maze abasaba kuwufata neza.

Yagize ati: "Uyu muhanda si umuhanda gusa, ni umurongo w'ubuzima, ubuhahirane, uburezi n'ubuvuzi. Ni icyemezo cy'uko Leta ikomeza kwegereza serivisi abaturage. Turasaba abaturage kuwufata nk'umutungo wabo, kuwurinda no kuwusigasira, kugira ngo uzarambe kandi ubagirire ubafashe mu guhindura ubuzima.

Munyaneza Chrisante, umukozi ushinzwe ibikorwa remezo mu Karere ka Ngoma, yabwiye Imvaho Nshya ko imirimo yo kubaka uyu muhanda izamara amezi 12, abasaga 200 baturiye ahakorwa umuhanda bakazahabona akazi.



**Umuhanda urimo guhangwa uzakura abaturage mu bwigunge**



**Umunyeshuri yarohamhye mu kiyaga cya Burera ahasiga ubuzima**

# Burera: Umunyeshuri yarohamye mu kiyaga agiye mu rugendoshuri

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Umunyeshuri w'umuhungu witwa Kwizera Samuel ufite imyaka 19, wigaga muri Lycee de Nyanza akaba yimenyerezaga umwuga mu Kigo giherereye mu Karere ka Musanze, yarohamye mu Kiyaga cya Burera mu gihe yari ari mu rugendoshuri.***

Kwizera bivugwa ko yakoraga umurimo wo kwimenyereza umwuga mu kigo Two Chef's Coffee Busness Co Ltd giherereye mu Mudugudu wa Nganzo, Akagari ka Rwebeya, Umurenge wa Cyuve mu Karere ka Musanze.

Yarohamye mu Kiyaga cya Burera cyo mu Karere ka Burera, ubwo yari ari kumwe na bagenzi be 36 mu rugendoshuri mu kirwa cyitwa Birwa I, giherereye mu Murenge wa Kinoni mu Karere ka Burera, ubwo berekezaga muri imwe muri za hoteli zikorera ku birwa.

Ku wa 22 Mata 2025, bivugwa ko uwo munyeshuri yaguye mu mazi mu gihe cya saa saba z'amanywa, umurambo uboneka mu ma saa munani z'amanywa kuri uyu wa 23 Mata 2025.

Ababyeyi be bavuga ko bababajwe no kuba bamenye amakuru nyuma y'umunsi bibaye.

Mukashyaka Alexie ubyara Kwizera, yagize ati: "Umwana wanjye yari mu imenyerezamwuga muri imwe muri resitora yo muri Musanze, yigaga ibijyanye no kongerera agaciro ibiva mu buhinzi, yigaga i Nyanza ariko icyambabaje ni uko umwana yaguye mu mazi ejo ku manywa nkabimenya uyu munsi mu gitondo, ndifuza ubutabera kuko nta kuntu bavuga ngo umwana yagiye mu kigo kitagira ubwishingizi."

Umwe mu baturage baturiye iki kiyaga avuga ko bibabaje kugira ngo umuntu agwe mu mazi ntihatangwe amakuru.

Yagize ati: "Natwe kugira ngo tubimenye ni uko imodoka zari zabazanye zatinze kuva kuri iki kiyaga, twaje kumva amakuru rero ko hari umwana waguyemo.

Polisi urwego rushinzwe ubutabazi ni rwo rwaje rumukuramo tubonye bibabaje rwose, twifuza ko abana bajya bagenda bishingiwe ndetse nko mu mazi hariya n'aho hakwiye inzego z'umutekano zikanabaherekeza."

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Amajyaruguru SP Jean Bosco Mwiseneza, yahamije ko impanuka yabaye ahagana saa kumi n'igice z'igicamunsi, ubwo abo bana bajyaga koga, Kwizera yarohama bagenzi be bakamushaka bakamubura.

Ati: "Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe umutekano wo mu mazi (Marine) rikorera mu Karere ka Burera, ryashakishije umurambo wa nyakwigendera uza kuboneka, ujyanwa ku Bitaro bya Ruhengeri gukorerwa isuzuma."

Polisi y'u Rwanda iragira inama abaturage yo kwirinda kujya koga mu biyaga nta bikoresho byabugenewe bafite.





# Rusizi: Umubiri bikekwa ko ari uw'uwazize Jenoside umaze imyaka 5 mu Biro by'Akagari




**Umubiri bikekwa ko ari uw'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, umaze imyaka 5 mu Biro by'Akagari bya Kizura**

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Mu Biro by'Akagari ka Kizura, mu Murenge wa Gikundamvura, Akarere ka Rusizi hamazemo imyaka 5 umubiri w'uwo bikekwa ko yazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bikavugwa ko wahashyizwe n'uwakayoboraga witwa Ntakobazangira Théogène.***

Ubwo inkuru y'uwo mubiri yatangiraga guhwihwiswa ku itariki 2 Mata 2025, abarokotse Jenoside bo mu Murenge wa Gikundamvura bibaza uburyo uhamaze imyaka 5 yose nta makuru yawo azwi ngo ube warashyinguwe mu cyubahiro, n'abayobozi bitana bamwana.

Ntakobazangira Théogène avuga ko amakuru yayatanze akayaha uwamusimbuye Banyangiriki Alphonse ndetse n'Umunyamabanga Nahingwabikorwa w'uwo Murenge Hategekimana Claver, abo avuga ko yayahaye babihakana, Imvaho Nshya yashatse kumenya ukuri nyako.

Amakuru yatanzwe kuri uwo mubiri bimaze kumenyekana, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'ubu w'Akagari ka Kizura, Banyangiriki Alphonse, avuga ko uyu mubiri wabonetse mu isambu y'uwakoze Jenoside akanabifungirwa imyaka 12 agasaba imbabazi akemera icyaha, agakora imirimo nsimburagifungo, agataha.

Nyuma iyo sambu yayihaye umuhungu we witwa Nizeyimana Félix ngo ayubakemo, mu Mudugudu wa Mutonga.

Banyangiriki yagize ati: "Wabonywe n'uwakoraga inzira z'amazi iyo nzu imaze kubakwa muri Kanama 2020, abona ibice bimwe byawo, nyiri iyo nzu Nizeyimana Félix awushyira mu gafuka, bahamagara Gitifu w'Akagari Ntakobazangira Théogène arawuzana awushyira mu Biro by'Akagari. Dukorana ihererekanyabubasha ku wa 1 Ugushyingo, 2023 ayo makuru ntiyayambwiye."

Yongeyeho ati: "Namaze icyo gihe cyose ntazi ko mu Biro by'Akagari harimo umubiri. Ku wa 2 Mata 2025, ubwo twari mu nama ku Murenge yo gutegura ibikorwa byo kwibuka, ni bwo yambwiye ko yasize umubiri mu Biro by'Akagari yibagirwa kubivuga. Ngiye, ndeba ibiri muri icyo cyumba byose mbona agafuka gato, ndebye nywubonamo, ntanga amakuru yawo."

Uhagarariye Ibuka mu Murenge wa Gikundamvura, Nkurunziza Emmanuel, avuga ko inkuru w'uwo mubiri yageze mu matwi ye ku wa 2 Mata 2025 muri uko gutegura kwibuka, batangira gukurikirana amakuru ngo hamenyekane koko ko ari uw'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi, babaza uwo musaza nyir'isambu wari interahamwe avuga ko ntacyo abiziho, bamubaza ko hari umuntu waba warigeze ahashyingurwa mu buryo busanzwe avuga ko ntawe.

Ati: "Kubera ko kariya gace kabereyemo ubwicanyi ndengakamere muri Jenoside, Abatutsi bahicirwaga bashaka kujya i Burundi kuko yari yo nzira Interahamwe zikahabicira, byatumye tubaza abagize uruhare muri Jenoside bafunguwe, ariko kuko ino haba indwara yo guceceka cyane amakuru ya Jenoside uwo tubabije wese akatuyobya."

Yongeyeho ati: "Interahamwe yitwa Borauzima ni yo yavuze ko igiye kuvugisha ukuri nubwo benewabo bakuyiziza, atubwira ko muri Jenoside hari umusore yabonye w'Umututsi abicanyi bahazengurukanaga ku manywa, yongera kubabona nimugoroba ntawe bafite, agakeka ko ari ho bamwiciye."

Nkurunziza anakomeza avuga ko babajije n'uwo wawubonye acukura umuyoboro w'amazi avuga ko uburyo wari utabyemo bwagaragazaga ko atari uw'uwari ushyinguye bisanzwe.

Yagize ati: "Uko basanze utambitse, nta kintu ushyinguyemo, n'abayobozi bawurebye neza basanga mu mutwe bigaragara ko uwo musore ari ubuhiri yakubiswe, hamwe n'ibindi bimenyetso barebye n'amakuru yose yatanzwe, bemeza ko ari uw'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Nkurunziza avuga ko amakuru bakurikiranye akanabababaza cyane nka Ibuka, ari uko uwo mubiri ukiboneka, umugore wa Nizeyimana Félix yawushyize mu gitenge cye yari afite awushyira mu nzu, Nizeyimana yataha, nk'uko amakuru yatanzwe abivuga, agakunkumura cya gitenge akawukuramo, akawushyira muri ako gafuka, bakabibonamo igikorwa cyo kuwupfobya.

Ikindi yibaza ni uburyo Gitifu Ntakobazangira Théogène yari amaze guhabwa amakuru ko uwo mubiri ari ay'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi, ntagire umuyobozi n'umwe ayabwira, we ubwe akawijyanira mu Biro by'Akagari uri muri ako gafuka, yanagenda ntagire uwo abwira, akabivuga mu myaka 5 nta wari uzi ayo makuru.

Ati: "Inzego bireba turizera ko ziza gukurikirana zigacukumbura ayo makuru neza, zikaduha ukuri nyako, cyane cyane ko uwabikoze ahari, abarokotse ayobora bakava mu rujijo kuko bishobora guteza ibindi bibazo."

Ikindi yavuze batekereza nka Ibuka, ni uko muri uwo muyoboro w'amazi uyu mubiri wabonywemo haba harasigayemo ibice bindi byawo kuko habonetse bike, bakaba banakeka ko iyo nzu yaba yubakiye hejuru y'indi mibiri, bakurikije uburyo nyir'isambu n'uwo muhungu we yayihaye badashaka gutanga amakuru nyayo, bagasaba Akarere kubirebana ubushishozi, igasenywa, hagashakwamo iyo mibiri yindi bakeka.

Uhagarariye Ibuka anavuga ko hatangiye amakuru yo kumenya nyir'uwo mubiri n'imiryango ye yaba yararokotse ngo hazategurwe umunsi wo kumushyingura mu cyubahiro abe baruhuke.

Mu kwiregura, Ntakobazangira Théogène washyize uwo mubiri mu Biro by'Akagari, avuga ko agihamagarwa n'Umukuru w'Umudugudu muri 2020 ko habonetse umubiri, yabimenyesheje Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wari uhari icyo gihe Hategekimana Claver, akamubwira ko ajya kureba.

Ati: "Narahageze ndamuhamagara, mubwira uko mbisanze, ambwira kuwuzana mu Biro by'Akagari, ndawuzana ndawuhashyira, sinabicecetse nk'uko bivugwa."

Anavuga ko we nta kindi yari gukora mu gihe umukuriye yari abizi, kandi ko uwari ukuriye urwego rw'iperereza mu Karere ka Rusizi (NISS) yamuhamagaye inshuro 3 zose amubaza niba uwo mubiri ukiri mu Kagari.

Ati: "Ntiyari kuwumbazaho nta makuru yawo azi. Ikosa nemera ni uko ntabivuze mu nyandiko ariko Gitifu w'Umurenge yambwiye kumuha ubutumwa bugufi kuri Whatsap inyandiko akayikora, nari nzi ko yayikoze."

Imvaho Nshya yabajije Uwari Gitufu w'uwo Murenge, Hategekimana Claver, niba koko yarabwiwe ayo makuru, agira ati: "Ayo makuru sinigeze nyamenya."

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Mukakalisa Francine, yabwiye Imvaho Nshya ko iby'uwo mubiri babimenye, bari kubikurikirana.

Ati: "Twabimenye, turi gukurikirana amakuru yawo yose, ku bufatanye na Ibuka, biri kugenda neza, ikindi twamenya twakibamenyesha."

# Bugesera: Abarokokeye ku Cyoma bifuza ko hashyirwa ikimenyetso cy'amateka

**HITIMANA Servand**

***Abarokokeye ahitwa ku Cyoma mu Kagari Ka Nyabagendwa, Umurenge wa Lilima mu Karere ka Bugesera bavuga ko aho hantu hiciwe abavandimwe babo benshi hakwiye gushyirwa ikimenyetso kiriho amazina y'abahaguye, mu rwego rwo gusigasira amateka no guha agaciro abahamburiwe ubuzima.***



Nyabagendwa bifuza ko ku Cyoma hashyirwa ikimenyetso cy'amateka

Abarokokeye muri ako gace ubusanzwe kari gatuyemo Abatutsi benshi, bavuga ko hiciwe benshi biturutse ku kuba hari haratangirijwe ibikorwa byo kubahiga no kubica uko havugwaga ibitero yaba ibyiswe iby'Inyenzi ndetse n'iby'Inkotanyi.

Ikindi ngo ni ukuba guhunga byaragoranaga biturutse ku kigo cya gisirikare cya Gako cyari Imbere yabo, nacyo cyaturukagamo abicanyi.

Iyo babishingiraho, bagasaba ubuyobozi ko aha hantu hashyirwa ikimenyetso kibutsa amateka y'imbaga y'Abatutsi yahashiriye.

Mukamunana Dorothee agira ati: "Aha hantu hashiriye abacu. Hiciwe benshi kuko twe kutwica byatangiye kera. Muri jenoside nyirizina, twarahizwe tubura ubuhungiro, abaturanyi bari baramaze kubwirwa ko turi abanzi, na bo baraduhinduka baraduhiga.

Kuba abishwe bajyanwa mu nzibutso turabishima, ariko twifuza ko aha hashyirwa ikimenyetso kitwibutsa ibyahabereye. Birashoboka ko abavuka Uyu munsi bazasanga abantu basura inzibutso i Nyamata, Ntarama n'ahandi bagakeka ko ari iyo byabereye, amateka y'aha akibagirana."

Mutabazi Vincent wabashije kurokoka ahungiye i Burundi, na we yavuze ko aka gace yakaburiyemo abe benshi, akifuza ko hashyirwa ikimenyetso yajya abibukiraho.

Ati: "Turasaba ubuyobozi kudufasha Nyabagendwa ku Cyoma hagashyirwa ikimenyetso cy'amateka ya Jenoside yahakorewe. Bibaye byiza hazashyirwaho amazina y'abahiciwe byadufasha kujya tibibuka kenshi kandi n'ibyahabereye bikibukwa. Abaturanyi, abavandimwe, ababyeyi bacu dore bari aha."

Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera Mutabazi Richard avuga ko iki cyifuzo cy'abarokokeye ku Cyoma gishoboka ndetse asezeranya ko bizakorwa.

Ati: "Ibijyanye n'ikimenyetso numva nta kigoranye kirimo, twagisha inama inzego tukareba uko bikorwa kuko ubushake burahari ntabwo byatunanira. Ni ukureba imiterere cyakorwamo ku buryo gihesha agaciro abahiciwe, ndumva twabasezeranya ko bizakorwa."

Hirya no hono mu gihugu hari ahagenda hashyirwa ibimenyetso bigaragaza ko hari abahiciwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi,nko ku migezi n'ahandi.

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

# Nyamasheke: Birakekwa ko yiyahuye kubera nyina umuziza gukundwa na se

***Nyirandikumana Jeanne w'imyaka 22 wabanaga n'ababyeyi be mu Mudugudu wa Karambi, Akagari ka Mpumbu, Umurenge wa Bushekeri, Akarere ka Nyamasheke, umurambo we wasanzwe mu mugezi wa Kamiranzovu hakekwa ko yiyahuye.***



Uyu ni umugezi wa Kamiranzovu, bikekwa ko uwo mukobwa yiroshyemo

Se umubyara witwa Shikama Samuel avuga ko uyu mukobwa we yavuye iwabo mu ma saa kumi n'ebyiri z'umugoroba zo ku wa Gatatu, tariki 23 Mata 2025, yerekeje kuri santere y'ubucuruzi ya Karambi bisanzwe, nta kintu afite.

Ati: "Twaramutegereje turamubura, bigeze saa tatu z'ijoro ataje, dutekereza ko yaba araye kwa nyina wa batisimu kuko duturanye muri uyu Mudugudu."

Yarakomeje ati: "Twabuze n'ama inite muri telefoni yo kumuhamagara, ariko kuko twumvaga ari mukuru tubona nta kibazo yagira na nyina wa batisimu ari hafi turabyihorera."

Avuga ko baryamye, mugitondo cyo ku wa 24 Mata musaza we azindukana n'umusore w'umuturanyi kwahira ubwatsi bw'amatungo mu gishanga cya Kamiranzovu.

Ati: "Bahageze barebye mu mazi babona umurambo w'umukobwa wari wafashwe n'amabuye."

Yunzemo ati: "Basanga ni we, barebeye ku ikanzu yagiye yambaye bari bazi. Iyo kanzu yari itwikiriye igice cyo mu maso, supije na yo yari yambaye ikingiye igice cyo hasi. Ni ko kuduhamagara, duhuruza abaturanyi, tuhageze dusanga ni we."

Avuga ko na we akeka ko umukobwa we yaba yiyahuye nubwo nta kibazo azi yaba yari afite.

Ati: "Mbikeka mbihereye ko mu ma saa moya z'umugoroba yagiye gusezera kuri nyina wa batisimu amubwira ko atashye, ntiyagana inzira itaha, ahubwo akomeza ijya muri Kamiranzovu."

KOMEZA KU RUP.15





# Nyamasheke: Birakekwa ko yiyahuye kubera nyina umuziza gukundwa na se

IBIKURIKIRA URUP.14

Avuga ko ibyo yabibwiwe n'abahuye na we kuko yari yamaze kurenga utuyira twose yanyuragamo ataha, babona yerekeza ku mugezi wa Kamiranzovu agatekereza ko yagezeyo akiyahura kuko ntawe bajyanye ngo abahe andi makuru.

Andi makuru ariko umwe mu baturage baho yahaye Imvaho Nshya, avuga ko uwo mukobwa yari amaranye iminsi amakimbirane na nyina umubyara, nyina amuhoza ku nkeke amuziza ko ngo se akunda uwo mukobwa we cyane kumurusha, ngo bituma we nta gaciro agira nk'umugore mu rugo.

Ati: "Amakuru dufite arimo n'ayo dukura muri bamwe mu basoromyi bagenzi be, ni ay'uko hari abo yari yaraganirije ababwira ko kubera uburyo nyina amuhoza ku nkeke amubwira ko ubwumvikane afitanye na se bumubangamiye, kuko ameze nk'aho ari we wabaye nk'umugore mu rugo, akwiye kuruvamo akajya gushaka urwe,akamurekera ubwisanzure ku mugabo we, kuko ngo yizera umwana kumurusha

Uyu muturage avuga ko mu makuru bagiye bakusanya muri urwo rugo bayabwiwe na bamwe mu bana babo anavuga ko nyina yanashinjaga uyu mukobwa we kumurega kuri se igihe habaga hari nk'amakosa yakoze na byo ntibimushimishe, bagakeka ko umukobwa yaba yarambiwe uko gutotezwa na nyina agahitamo kwiyahura.

Nyina w'uyu mukobwa Nyiramvuyekure Patricie yabwiye Imvaho Nshya ko hari igihe koko yashwanaga n'umukobwa we bapfa utuntu tumwe na tumwe two mu rugo, ariko atari azi ko byamubera impamvu yo gutekereza kwiyahura.

Ati: "Gushyamirana nyine byababagaho, by'umwana na nyina babana, ariko sinatekerezaga ko gucyaha umwana hari ikibazo byamutera.

Sinzi niba yaniyahuye kuko umurambo we wajyanywe mu bitaro bya Bushenge gukorerwa isuzuma, ni ryo rigaragaza icyo yazize, niba atari n'abagizi ba nabi bamutayemo."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'agateganyo w'Umurenge wa Bushekeri, Habarurema Cyprien, yavuze ko umurambo basanze nta gikomere ufite, bakeka ko yaba yiyahuye.

Ati: "Harakekwa ko yaba yiyahuye ukurikije uburyo umurambo wari umeze, ariko RIB yahageze ikora ibyayirebaga, umurambo ujyanwa mu bitaro bya Bushenge gukorerwa isuzuma rya muganga. Aho ni ho hazaduha ukuri nyako k'urwo rupfu.

Yasabye abaturage kwirinda kubivugaho byinshi, bagategereza isuzuma rya muganga n'iperereza rya RIB.

Yanabasabye ko igihe hari abafitanye ibibazo bagomba kujya begera ubuyobozi bukabafasha kubikemura aho gutekereza kwiyambura ubuzima.

Ababyeyi bakabanira abana neza.

Nyakwigendera yari umwana wa 2 mu bana 10 uyu muryango wari ufite.

# Gicumbi: Barembejwe n'abajura biba baciye hejuru mu gisenge

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Abaturage bo mu Karere ka Gicumbi mu Murenge wa Rutare, Akagari ka Gishari, Umudugudu wa Kabagabo bagaragaza ko barembejwe n'ibisambo bitakiba biciye ku muryango ahubwo bisigaye bica mu gisenge, bigakata amabati bigatwara ibiri mu nzu byose.***



Bibasiwe n'abajura biba banyuze mu gisenge

Bamwe mu baganiriye na Imvaho Nshya basobanura ko ubujura bwo guca hejuru y'amabati bakayakebesha ibyuma batari bamenya bababukora bubarembeje.

Mugabo Leon, yagize ati: "Ubujura bw'abantu bari kujya baca hejuru y'inzu bagakeba amabati ubundi bakagwamo imbere bakiba ibintu byose bukomeje gukaza umurego. Dore aha imbere hari umukobwa uhacururiza ukorana na Banki, umucuruzi witwa Bizimana n'indi butiki y'uwitwa Rucien byegeranye kimwe no mu kabari gahari, bose baherutse kwibwa n'abantu baciye hejuru y'amabati bakayakeba."

Agaragaza ko ari ikibazo kizwi Mugabo yagize ati: "Iyo habaye ubujura turabivuga, bagahamagara inkeragutabara zigashaka ariko abajura bakababura ariko njye mbona hakenewe izindi mbaraga mu mutekano hagira ufatwa agahanwa by'intangarugero."

Undi utifuje ko amazina ye atangazwa yagize ati: "Ibi bisambo biteye ubwoba, byinjira muri butike cyangwa mu nzu y'umuntu binyuze hejuru ku mabati kandi bigaragara ko ari uburyo bushya bwo kwiba.

Hano muri Rutare bimaze kuba umuco. Ubuyobozi budufashe uzafatwa azahanirwe hano."

Muragijimana Clementine utuye mu Murenge wa Rutare, Akagari ka Bikumba, Umudugudu wa Marembo ufite umugabo bibye igikapu cyuzuyemo Telefoni yacuruzaga, bazisanze mu nzu yakoreragamo yagaragaje ko hakenewe izindi mbaraga mu gucunga umutekano hagamijwe gushaka abakora ubwo bujura.

Ati: "Batoboye inzu banyuze hejuru binjira mu nzu umugabo wanjye acururizamo telefoni, batwaye igikapu cyuzuye Telefoni n'amafaranga ku buryo bwose hamwe byari bifite agaciro k'amafaranga arenga 3 000 000 RWF nk'uko umugabo wanjye numvaga arimo kubivuga. Turasaba ko hafatwa ingamba zikomeye zirenze kuba hari abacunga umuteka twishyura."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rutare Bayingana Theogene yabwiye Imvaho Nshya ko umwe mu bakora ubwo bujura yamaze gufatirwa mu Mujyi wa Kigali, afatabwa igikapu kirimo Telefone yari yibye umucurizi muri uwo Murenge.

Yagize ati: "Yego, kwiba banyuze mu gisenge byabayeho mu minsi ishize ariko icyiza ni uko muri ino minsi uwabikoraga yafashwe ku bufatanye n'inzego z'umutekano habayeho guhererekanya amakuru akaba yarafatiwe i Kigali kandi kuva yamara gufatwa nta bundi bujura nk'ubwo duheruka kubona."

Yakomeje agira ati: "Ibyo bikoresho birimo na telefone yari yibye, yabifatanywe. Ni yo makuru dufite kandi turakomeza gukurikirana kugira ngo inzego z'umutekano zamufatiye i Kigali (Kimisagara), turifuza ko habaho guhererekanya akaza inaha, agakurikiranwa akishyura n'ibyagiye byangizwa."

Yagarutse ku ngamba zafashwe muri Santeri ya Rutare by'umwihariko, abacuruzi ndetse n'abaturage.

Ati: "Mu ngamba twafashe ni uko, hari Kompanyi icunga umutekano, twakoze inama bagaragaza ibituma akazi kabo katagenda neza, hanyuma tubagira inama y'uko bagomba kunoza akazi kabo no gukurikirana abakozi bakoresha.

Ku bikorera hari ingamba twafashe, tubasaba kongera amatara (imbere n'inyuma) n'abaturage tubasaba gushyira amatara ku nzu zabo imbere n'inyuma."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa, yahamije ko abacuruzi b'utubari bakoraga amasaha menshi na bo bihanangirijwe bagasabwa kujya bafunga ku gihe.

# Gakoma: Abaturage bahinduriwe ubuzima na gahunda y'indangamanota mu Masibo

**HITIMANA Servand**

***Abatuye Umudugudu wa Gakoma, mu Kagari ka Rwisirabo, Umurenge wa Karangazi bashima gahunda yo guha abayobozi babo b'amasibo indangamanota zituma bakorera ku ntego barushanwa mu kugeza abaturage ku guhindura imibereho yabo ikarushaho kuba myiza.***

Abawutuye bavuga ko gukorera ku ntego kw'ababayobora bibafasha aho buri rugo rugerwaho n'ubuyobozi bugasuzuma ko hari impinduka bageraho mu guhindura imibereho ndetse no kwiteza imbere.

Nshimiye John yagize ati: "Mu myaka umunani tumaranye n'ubuyobozi buriho mu Mudugudu navuga ko hari impinduka zikomeye. Twumvise ko babibahera n'amanota ariko biradufasha. Gahunda zo kuzahura imibereho y'umuturage Umuyobozi w'Isibo aba akuri iruhande akakubwira ati noza isuku utya, noza imirire ugira akarima k'igikoni, akaguha n'andi makuru ya guhanda za Leta zigezweho."

Kobusingye Shemusa na we avuga ko uguhuza kw'abababayobora muri uwo Mudugudu kwahindutse ubuvandimwe bw'abayora n'abayoborwa, buri wese agasanga akwiye kunoza ibyo akora.

Ati: "Aho bigeze ubu hariho kwibwiriza. Hari imihigo uba warahigiye kugeraho. Tugira abagenzura bakareba ko wabigezeho, abasuzuma banagenzura uko umuyobozi w'Isibo yafashije abo ayobora kugira intambwe batera. Na we bamuha amanota ku buryo twese duharanira kutaba aba nyuma. Ubu mu Mudugudu nta kiyobyabwenge kiharangwa, nta makimbirane akurura urugomo n'ibindi."

Ubuyobozi bw'Umudugudu wa Gakoma, buvuga ko bashyizeho gahunda yo guha abayobozi b'amasibo indangamanota hagamijwe gukorera ku guhiganwa mu kunoza ibyo bakorera abaturage.



**Umudugudu wa Gakoma wo mu Murenge wa Karangazi umaze kuba uwa mbere inshuro eshatu wesa imihigo bifashishije indangamanota**

Umuyobozi w'Umudugudu wa Gakoma, Sabiti John Bosco yabwiye Imvaho Nshya ko guha indangamanota abayobora amasibo ari igitekerezo cyabo bwite nk'abatuye Umudugudu hagamijwe guteza imbere umuco wo guhiganwa.

Ati: "Yego iyi gahunda yagiyeho tugamije gukora turushanwa. Urugero niba twihaye gahunda yo kuba mu mwaka nta muturage uzaba adafite umusarane wuzuje ibisabwa,ubwo uyobora Isibo aharanira ko abigeraho n'ibindi.Harinitsibda risuzuma ritanga amanota."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare buvuga ko imikorere y'uwo Mudugudu ibatera ishema ndetse ko hari gahunda yo kuwigiraho.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen, yagize ati: "Uyu Mudugudu ni urugero rwiza ko imiyoborere myiza ihereye mu Midugudu byatanga umusaruro. Tuwita Umudugudu utagira icyaha kuko nka bimwe wumva ngo abantu bacuruza cyangwa bagakoresha ibiyobyabwenge hariya ni kirazira.Twarabashimiye ariko noneho ubu n'Intara irabashimira kuko ubu baza ku isonga no mu rwego rw'Intara."

Akomeza agira ati: "Ubu twafashe gahunda yuko badufasha no kwigisha abandi. Tugafata abayobora Imidugudu bagasura Umudugu wa Gakoma bakumva ukuntu ukora."

Mu mezi atatu ashize umuyobozi wuwo Mudugudu yashyikirijwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu igihembo cya moto bagenewe n'Akarere kubera ko bakomeje kuba indashyikirwa mu gukumira ibyaha.

Umudugudu wa Gakoma ufite amasibo 9 utuwe n'ingo 274, umaze kuba uwa mbere mu Ntara y'Iburasirazuba inshuro eshatu.

# Rubavu: RDF yakebuye abafatanwa magendu bakarwanya Inzego z'umutekano

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Ubuyobozi bw'Ingabo z'u Rwanda (RDF) mu Ntara y'Iburengerazuba, bwakebuye abaturage bo mu Karere ka Rubavu no mu tundi Turere dukora ku mupaka, bafatanwa ibicuruzwa bya magendu n'ibindi bitemewe bagashaka kurwanya inzego z'umutekano.***

Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga nyinshi mu kurwanya ubucuruzi bwa magendu bwambukiranya imipaka, kuko bumunga ubukungu bw'Igihugu binyuze mu kwangiza uruhererekane rw'ubucuruzi, kudasora n'ibindi.

Mu bihe bitandukanye, mu Karere ka Rubavu hagiye humvikana abaturage bahangana n'inzego z'umutekano zibafashe bambukana magendu bakuye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).



**Abayobozi basabye abaturage kwirinda guhangana n'inzego zibacungiye umutekano**

Urugero rwa hafi ni urw'ibyabereye mu Kagari ka Byahi, Umurenge wa Rubavu, aho abaturage barwanyije abapolisi bari muri gahunda yo kurwanya ibicuruzwa bya magendu bituruka muri RDC, ku wa 18 Mata 2025.

Ku wa 22 Mata 2025, Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Iburengerazuba Maj Gen Eugene Nkubito, Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba Ntibitura Jean Bosco, n'Umuyobozi wa Polisi CP Emmanuel Hatari, baganirije abaturage babihanangiriza babasaba kwirinda guhangana n'inzego z'umutekano.

Maj Gen Eugene Nkubito yasobanuye ko bidakwiye kuba abaturage basagararira inzego zishinzwe kubacungira umutekano, kuko na byo biri mu byabongerera umutekano muke.

Yibukije abaturage ko buri Munyarwanda afite inshingano zo kurinda Igihugu no kugiteza imbere, inzego z'umutekano zikaba zishinziwe kubacungira umutekano kugira ngo ibikorwa byabo bidahungabanywa n'icyo ari cyo cyose.

Ati: "Buriya Ingabo z'Igihugu zishinzwe kurinda abaturage cyane cyane kurinda umupaka w'Igihugu kugira ngo abaturage bari mu Gihugu bagire umutekano… Buri mu Nyarwanda uri mu Gihugu na we afite inshingano yo kukirinda no ku giteza imbere."

Bamwe mu baturage bagaragaje ko impanuro bahawe ari ingenzi cyane, ko bagiye gukomeza gufatanya n'Inzego z'umutekano mu kwicungira umutekano barwanya magendu.

Uwitwa Mupenzi Ntirivamunda yagize ati: "Impanuro twahawe zari ingenzi kuko zari zikenewe cyane. Twize ko tugomba gufatanya n'Inzego z'umutekano mu ku rwanya ibyaha bibera ku mupaka by'umwihariko abakora magendu tukajya dutanga amakuru ku gihe."

Muri magendu zikunze kwambukirizwa mu Karere ka Rubavu, harimo imyenda ya caguwa, ibiyobyabwenge nk'urumogi n'ibicuruzwa bitemewe nk'amavuta ya mukorogo, inzoga za likeri zidasoreye n'ibindi.





## ITANGAZO

REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, 25 APR 2025
Ref No 1238/SP1U/025

RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY
P.o.Box 6674 Kigali
KG 563 St., Queen's Land House, 1st Floor
Email: info@rtda.gov.rw
KIGALI

**KIGALI LOGISTICS PLATFORM CONNECTIVITY DEVELOPMENT PROJECT**

**REQUEST FOR EXPRESSION OF INTEREST FOR THE RECRUITMENT OF AN "INTERNATIONAL ROAD AND BRIDGE EXPERT"**
**(Consulting services- Individual Consultant (IC))**

**Transport sector**
Financing Agreement reference : Credit No: 7530-RW and 7531-RW
Project ID No. : P180228

The Government of the Republic of Rwanda (GoR) received a financing from the World Bank under the Kigali Logistics Platform Connectivity Development Project. Part of the project financing intends to cover eligible payments for services of the Road and Bridge Expert.
The services included under this project are the **"International Road and Bridge Expert"** to be based in Rwanda Transport Development Agency (RTDA) and will be selected in accordance with the Individual Consultant (IC) Method. The duration of services is twenty-four (24) months renewable depending on the performance and the available of financing.

Rwanda Transport Development Agency (RTDA) now invites eligible consultants to express their interest in providing these services. Interested consultants must provide information indicating that they are qualified to perform the services (brochures, description of similar assignments, experience in similar conditions, etc.).

Eligibility criteria, establishment of the short-list and the selection procedure shall be in accordance with World Bank procurement regulations for IPF Borrowers, dated September 2023.

The consultant should be a Civil Engineer with minimum 20 years of experience in road and bridge construction projects. Detailed qualification and experience requirements are provided in the terms of reference, section 5.

Interested consultants may obtain further information at the address below during office hours from 9:00 am to 5:00 pm Kigali time on Monday to Friday (except on public Holidays), or by e-mail from the addresses below.

Expressions of interest, in English, must be delivered to the address below by 09/5/2025 not later than 5:00 pm, Kigali time (3:00 pm GMT) with the mention **"for International Road and Bridge Expert."**

**Attention to: Director General**
Rwanda Transport Development Agency/Procurement Unit
KG 563 St, Queen's Land House, 1st Floor
P.O Box: 6674, Kigali-Rwanda
Email: procurement@rtda.gov.rw / info@rtda.gov.rw

Electronic submissions for the expression of interest are accepted in respect of the deadline.

**Imena MUNYAMPENDA**
**Director General**

## ITANGAZO RY'ISOKO

*Republic of Rwanda*
*City of Kigali*
*Gasabo District*
*Jali Sector*

AVIS D'APPEL D'OFFRES .

Le **Secteur de Jali** en collaboration avec **la Ville de Kigali**, invite par le présent Avis d'Appel d'Offres, les soumissionnaires admis à concourir, à présenter leurs offres sous pli fermé et scellé, pour les offres suivantes :

| N° | Numéro des marchés | Titre des Marchés | Date et heure d'ouverture | Caution de soumission | Source de financement |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | TN/007/JALI/2024-2025 | SUPPLY OF NON CONSUMABLE MATERIALS OR DURABLE MATERIALS OF JALI SECTOR AND 7 CELLS | 13/05/2025 à 10h00 | | Ville de Kigali |
| 2 | TN/008/JALI/2024-2025 | CLEANING SERVICE OF JALI SECTOR OFFICE, ITS 7 CELLS AND ITS JALI MEMORIAL SITE | 13/05/2025 à 10h00 | | Ville de Kigali |
| 3 | TN/009/JALI/2024-2025 | MAINTAINANCE OF ICT EQUIPMENT AND UPGRADES OF SOFTWARE AS WELL AS REQUIRED ANTIVIRUS | 13/05/2025 à 10h00 | | Ville de Kigali |
| 4 | TN/10/JALI/2024-2025 | ISOKO RYO KUGEMURA IMVANGE Y'AMAFU Y'IGIKOMA KIZAKORESHWA MU KUGABURIRA ABANA BO MUNGO MBONEZAMIKURIRE/VUP | 13/05/2025 à 10h00 | | Ville de Kigali |
| 5 | TN/11/JALI/2024-2025 | GUKORA/GUSANA IMODOKA Y'IRONDO (Maintainance Of IRONDO Car) | 13/05/2025 à 10h00 | | Ville de Kigali |

Les Dossiers d'Appel d'Offres peuvent obtenus au secrétariat Central du Secteur pendant les jours ouvrables, sur présentation d'un bordereau de versement d'une somme de Dix mille francs Rwandais (10,000 frws) non remboursable au compte de **RRA** apres la declaration.

Les dossiers d'Appel d'Offres peuvent être obtenus pendant les jours ouvrables au Secrétariat Central du Secteur de Jali à partir **du 24/04/2025 de 09h00' du matin à 17h00'.**

1. Les offres bien dactylographiées, rédigées en langue Française ,Kinyarwanda ou Anglaise et présentes en trois copies dont un original doivent parvenir au bureau du Secrétariat Central du Secteur au plus tard la date précisée ci-dessus au plus tard le **13/05/2025** à Neuf heures trente **(09H30)** heure locale. Les offres remises en retard seront rejetées
2. L'ouverture des Offres aura lieu le même jour de dépôt à Dix heures précises **(10H00)** heure locale dans la salle de réunion du secteur en séance publique.

**Fait à Jali , le 22/05/2025**

**IYAMUREMYE Francois**
**Secrétaire Exécutif du Secteur Jali**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130/NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.com /Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'IBIKORESHO**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd** sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro **"CYAMUNARA"** imitungo yimukanwa n'itimukanwa y'imiryango idaharanira inyungu, ibigo bya leta, amasosiyete y'ubucuruzi n'abantu ku giti cyabo, mu bubasha ihabwa na **ActionAid Rwanda** iramenyesha abantu bose babishaka kandi kandi babifitiye ubushobozi ko ku cyumweru tariki **27/04/2025** saa tanu z'amanywa (**11h00'**) izateza cyamunara ibikoresho bikurikira :

- **INTEBE ZA OFFICE**
- **COMPUTER LAPTOPS, DESKTOPS & TABLETS**
- **FRIGO , GENERATOR & COFRE-FORTS**
- **AMAPINE N'IBINDI**

Gusura ibyo bikoresho bizatangira tariki ya **25/04/2025** aho ibyo bikoresho bihereye **I Remera** hepfo gato ya Bank Zigama CSS aho **ActionAid Rwanda** ikorera ari naho cyamunara izabera.

**CYAMUNARA RWANDA IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBI BIKURIKIRA:**

- Cyamunara izaba mu ruhame hakoreshwa gupiganisha ibiciro mu magambo
- Ushaka kwitabira cyamunara yishyura cash amafaranga ibihumbi bitanu (5,000rwf) adasubizwa yo kwiyandikisha ku rutonde rw'abemerewe gupiganwa
- Utsindiye ibikoresho bigize LOT asabwa kwishyura ikiguzi cyose 100% ako kanya mbere y'uko cyamunara ikomeza no kubitwara bitarenze saa kumi n'imwe (17h00) z'umunsi wa cyamunara

Ukeneye ibindi bisobanuro yabariza kuri Tel: 0787334130/0788822147

Bikorewe I Kigali, kuwa 24/04/2025

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO

REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, 24/4/2025
Ref N°: 1198/SPIU/025

RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY (RTDA)
P.O Box 6674
KG 563 St., Queen's Land House, 1st Floor
Email: info@rtda.gov.rw
KIGALI

To all Potential Bidders

NOTICE: EXTENSION OF BIDS SUBMISSION DEADLINE.

| | |
|---|---|
| Project Name | BURUNDI- RWANDA INTEGRATED DEVELOPMENT PROJECT (BRIDEP) |
| Client | Rwanda Transport Development Agency (RTDA) |
| Funding | African Development Fund (AFDB) |
| IFB Number | 1. 001/W/2024-2025-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB<br>2. 002/W/2024-2025-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB<br>3. 003/W/2024-2025-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB |
| Title of Tenders | 1. Upgrading works of Bugarama-Bweyeye (60.11km)<br>2. Upgrading works of Kazabe-Rutsiro (55.3km)<br>3. Upgrading works of Kinigi-Kora(28.1km) |

Reference is made to the request for the extension of bids submission deadline from various potential bidders on the above-mentioned tenders;

This notice serves to inform all potential bidders that bids submission deadline is extended as per below table:

| SN | Tender title | IFB Number | Initial bids submission deadline | Bid Submission Deadline as per Extension |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Upgrading works of Bugarama-Bweyeye (60.11km) | 001/W/2024-2025 OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB | 02/05/2025 | **02/06/2025** |
| 2. | Upgrading works of Kazabe-Rutsiro (55.3km) | 002/W/2024-2025-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB | 05/05/2025 | **05/06/2025** |
| 3. | Upgrading works of Kinigi-Kora(28.1km) | 003/W/2024-2025-OCBI/SPIU/ BRIDEP /RTDA- AfDB | 06/05/2025 | **06/06/2025** |

The time and place for bids submission as well as bids opening as per initial specific Procurement notice remain unchanged.

Sincerely,

Imena MUNYAMPENDA
Director General

## INGINGO Z'INGENZI

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

### INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa RUSUSURUKA Albert mwene Rugomba Ananias na Nyiramuteto Marcelline, utuye mu Mudugudu wa Kayenzi, Akagari ka Kayumba, Umurenge wa Nyamata, Akarere ka Bugesera, mu Ntara y'Iburasirazuba wanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ariyo RUSUSURUKA Albert, akitwa RUSUSURUKA NYAMUGWERA Albert mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni Niyo mazina nakoresheje mu ishuli kuva ngitangira kwiga.

Byemejwe na
Dr. MUGENZI Patrice
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

**Agaciro k'icyangombwa**
Cyatanzwe kuwa: 2025-04-20

**Sikana iyo code mu kugenzura iyi nyandiko**
CYANGWA
**Ugenzure ku irembo**
ukoresheje nomero ya dosiye
B250417095215EOF5

**ICYITONDERWA:** Kugirango hatabaho uburiganya, shakisha **nomero y'inyandiko** ku rubuga Irembo urebe neza niba iyo nyandiko ari nyayo mbere yo kuyikoresha.

Inyandiko Yatangiwe ku irembo

## INGINGO Z'INGENZI

REPUBLIC OF RWANDA
MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT

### NAME CHANGE REQUEST

We inform you that the named BIHIBINDI Modeste, son/daughter of Rugema Damien and Mukankundiye Melanie, domiciled at Ubumwe village, Kibaza cell, Kacyiru sector, Gasabo district, in the City of Kigali applied for the authorization of the change of name from his current name BIHIBINDI Modeste to be called RUTIKANGA AHANA MODESTE in the National Population Registry. The reason for the change of name is that It is an undesired name.

Approved by
Dr. MUGENZI Patrice
**Minister of Local Government**

**Document Validity**
Issued on: 2025-04-16

**Scan this code to verify this document**
OR
**Verify on irembo**
using the document no
B2504051329450RUU

**DISCLAIMER:** To avoid fraud, check if this document is real by searching the **document number** on Irembo before use.

Document Issued on irembo

## INGINGO Z'INGENZI

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

### INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa HIRWA Keyla mwene Nishimwe Eric na Iribagiza Glory, utuye mu Mudugudu wa Mahoro, Akagari ka Nonko, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali wanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ariyo HIRWA Keyla, akitwa MWIZA HIRWA Keyla mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni Izina niswe n'ababyeyi.

Byemejwe na
Dr. MUGENZI Patrice
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

**Agaciro k'icyangombwa**
Cyatanzwe kuwa: 2025-04-25

**Sikana iyo code mu kugenzura iyi nyandiko**
CYANGWA
**Ugenzure ku irembo**
ukoresheje nomero ya dosiye
B250415141239VQ7I

**ICYITONDERWA:** Kugirango hatabaho uburiganya, shakisha **nomero y'inyandiko** ku rubuga Irembo urebe neza niba iyo nyandiko ari nyayo mbere yo kuyikoresha.

Inyandiko Yatangiwe ku irembo





Imvaho Nshya Imyidagaduro

# *Iyo uri mutima w'urugo ibintu byose ubigenza neza -Intare y'ingore*

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umukinnyi wa filime mu Rwanda akaba n'umuyobozi w'Itorero ryandika amakinamico ry'umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi mu Rwanda, Uwamahoro Antoinette, uzwi kw'izina rya Intare y'Ingore, asanga kuba mutima w'urugo bikwiye gutuma abagore batunganya ibintu byose.***


Umukinnyi wa filime, Uwamahoro Antoinette

Uwamahoro avuga ko kuba ashobora gukina no kwandika ikinamico abifatanya no gukina filime, bigaragaza ko umugore ari mutima w'urugo kandi bisobanura ko umugore ashoboye kandi akwiye gutunganya buri cyose.

Yagize ati: "Hari umwanya w'akazi n'uwo mu rugo iwawe, umugore igihe cyose burya ni mutima w'urugo, iyo uri mutima w'urugo ibintu byose ubigenza neza, inshingano zawe ukazikora neza nk'inshingano z'umutegarugori."

Uyu mukinnyi avuga ko nta kintu na kimwe gikwiye gutuma umugore yica akazi cyangwa akabivanga n'inshingano z'urugo rwe, kuko kuba mutima w'urugo bisobanuye ko ufite imbaraga zitunganya buri kintu cyose.

Uyu mubyeyi w'abana batatu umaze kugira n'abuzukuru batatu, gukina no kwandika ikinamico byatumye agera no ku gukina filime amaze kubonamo ibikombe bigera kuri 24 byo kuba umukinnyi w'indashyikirwa.

Intare y'ingore avuga ko yatangiye gukina filime bakizishyira kuri za CD, kugeza ubwo bageze kuri television zo ku mbuga nkoranyambaga (Youtube Chanel) ibyatumye atangira no kujya hanze y'igihugu.

Uwamahoro Antoinette yatangiye kumenyekana muri filimi yiswe Intare y'Ingore aza gutangira kwandika ize aho yahereye ku yitwa Umubyeyi gito, akomereza kuyitwa ishyari ni ishyano, inkomoko y'umuruho, inkomoko y'ikinyoma, Rugamba, Intare y'ingore n'izindi.


Uwamahoro Antoinette avuga ko kuba mutima w'urugo bikwiye gutuma abagore batunganya byose

# Urwibutso rwa Yvan Buravan kuri France Mpundu


France Mpundu avuga ko kimwe mu byo yigiye kandi yibukiraho Yvan Buravan ari ugukunda ibyo akora cyane

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi France Mpundu yatangaje ko Yvan Buravan bakoranye indirimbo yari inshuti ye birenze gukorana indirimbo.***

Uwo mukobwa ukunzwe n'abatari bake kubera ubuhanga bwe bwumvikanira mu ndirimbo ze, yabigarutseho mu kiganiro yagiranye na RBA, avuga ko nyakwigendera Yvan Buravan banafatanyije indirimbo yise 'Darlin' yari inshuti ye birenze ibyo kuba barahuriye mu ndirimbo.

Yagize ati: "Buravan kuri njye yari inshuti irenze guhurira mu ndirimbo cyangwa uko abantu bose babibona. Icyo mwibukiraho ni uko yari umuntu ushyigikira impano, nubwo nawe yari umuhanzi yarakubonaga ufite impano akavuga ati: "Woow!

[..] Icyo mwibukiraho kandi namwigiyeho ni ukugira umutima ufasha, urukundo ndetse no gukunda ibintu akora cyane."

Mpundu avuga ko kimwe n'abandi bahanzi benshi, na we yatangiriye umuziki muri kolari, kugeza ubu akaba yishimiye ko abakunzi b'umuziki we bishimira ibihangano bikarushaho kumuha imbaraga zo gukomeza kuwukora.

Mpundu yinjiye mu muziki nyuma yo kugira amahirwe yo kwitabira amarushanwa yitwa 'I am the future' yabaye mu 2018, akayatsinda, bikamuhesha kwegukana igihembo cya miliyoni 15 Frw.

Uyu muhanzi yateguje abakunzi be ko mu minsi ya vuba azabaha indirimbo nshya yamaze gufatira amajwi, nubwo atigeze yifuza gutangaza izina ryayo.

France Mpundu ubusanzwe amazina ye bwite ni Gusenga Munyampundu Marie France, amaze kumenyekana mu ndirimbo zitandukanye zirimo, Darlin yafatanyije na Yvan Buravan, Ngutegereza, Umutima n'izindi.

Imvaho Nshya
# Siporo




**NO .E-10 TARIKI 22-28 Mata 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw**

# Amagare: Ikundabayo na Nzayisenga begukanye Isiganwa ryo Kwibuka 31

**SHEMA Ivan**

***Ikundabayo Roben w'imyaka 20 ukinira Muhazi Cycling Generation Team mu bagabo na Nzayisenga Valentine wa Benediction Club mu bagore, begukanye Isiganwa ry'Amagare ryo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***




**Ikundabayo Roben yegukanye Isiganwa ry'Amagare ryo Kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Ni isiganwa ryabaye ku Cyumweru, tariki ya 27 Mata 2025, ryakinwe mu byiciro birimo abagabo, abagore, ingimbi n'abangavu ndetse n'abatarabigize umwuga.

Mu bagabo basiganwe intera y'ibilometero 113 byatangiriye kuri Canal Olympia ku i Rebero, bagakatira i Nemba mbere yo gusubira ku i Rebero, hatsinze Ikundabayo Roben.

Ikundabayo yahigitse Nsengiyumva Shem wa Java-InovoTec na Masengesho Vainquer akoresheje amasaha abiri, iminota 44 n'amasegonda 46, arusha abari bamukurikiye amasegonda atatu.

Mu bagore bakoze intera y'ibilometero 71,8 hatsinze Nzayisenga Valentine wa Benediction Cycling Club wakoresheje amasaha abiri iminota ibiri n'amasegonda 27. Uwa kabiri yabaye Ntakirutimana Martha wa Ndabaga Women Cycling Team wakoresheje amasaha abiri, iminota 15 n'amasegonda 27, naho Iragena Charlotte wa Ndabaga Women Cycling Team akoresha amasaha abiri iminota 25 n'amasegonda 27.

Mu ngimbi zakinnye intera ingana n'iya bakuru bazo, hashoje abakinnyi 34, hatsinda Tuyipfukamire Jean Faustin wa Muhazi Cycling Generation akoresheje amasaha abiri n'amasegonda 12 arusha Ishimwe Brain wa Ndabaga Women Cycling Team na Tuyipfukamire Aphrodis amasegonda atandatu.

Mu bangavu, na bo bakoze intera ingana n'iya bakuru babo hatsinze Masengesho Yvonne wa Ndabaga Women Cycling Team wakoresheje isaha imwe n'iminota 53, yakurikiwe na Uwiringiyimana Liliane wa Friend of Nature Cycling Team wakoresheje isaha imwe, iminota 53 n'amasegonda 25, naho Ishimwe Cynthia aba uwa gatatu akoresheje isaha imwe, iminota 53 n'amasegonda 56.

Mbere yo gutangira isiganwa abakinnyi 142 bitabiriye n'abayobozi muri FERWACY basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ya Kicukiro bunamira inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi zihashyinguye.

Kugeza ubu, abanyamuryango barindwi b'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY) barimo Sakumi Anselme wari Visi Perezida waryo, ni bo bamaze kumenyekana ko bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# *APR VC yageze muri ½ cya Shampiyona Nyafurika*

**SHEMA Ivan**

***APR VC ihagarariye u Rwanda mu irushanwa ry'amakipe yabaye aya mbere iwayo ku Mugabane wa Afurika, mu cyiciro cy'abagabo ya 'CAVB Club Championship 2025', yageze muri ½ isezereye El Ithad Club yo muri Libya.***

Ku Cyumweru, tariki ya 27 Mata 2025, ni bwo hakinwe imikino ya ¼ y'iri rushanwa riri kubera mu Mujyi wa Misrata wo muri Libya.

Iyi kipe ihagarariye u Rwanda yatsinze El Ithad Club yo muri Libya amaseti 3-1 (17-25, 25-19, 25-21, 25-19), ihita ikatisha itike ya ½ muri Shampiyona Nyafurika.

Kugera mu iki cyiciro kuri APR VC bivuze ko iri mu makipe ane meza ku Mugabane wa Afurika muri uyu mwaka wa 2025.



**APR VC yageze muri kimwe cya kabiri cy'irushanwa Nyafurika**

APR VC yabaye ikipe ya gatatu yo mu Rwanda igeze muri ½ cy'iri rushanwa nyuma ya Kaminuza y'u Rwanda mu 2011 na Gisagara VC mu 2022.